Ellen G. White

Imibereho Yejejwe

Ibirimo

Ijambo Ryagenewe Umusomyi....................3
Igice Cya 1 - Gutandukanya Imyizerere Y'ukuri N'iy'ibinyoma....................4
Igice Cya 2 - Amahame Yo Kwirinda Yaranze Daniyeli....................10
Igice Cya 3 - Kwifata Mu Byo Turarikira N'ibyo Twifuza....................14
Igice Cya 4 - Itanura Ry'umuriro....................19
Igice Cya 5 - Daniyeli Mu Rwobo Rw'intare....................24
Igice Cya 6 - Amasengesho Ya Daniyeli....................26
Igice Cya 7 - Imico Ya Yohana....................30
Igice Cya 8 - Umurimo Wa Yohana....................35
Igice Cya 9 - Yohana Mu Buhungiro....................40
Igice Cya 10 - Imico Ya Gikristo....................46
Igice Cya 11 - Amahirwe y'Abakristo....................51

IJAMBO RYAGENEWE UMUSOMYI

Mu nyandiko z'ingenzi cumi n'imwe Ellen G. White yanditse yikurikiranya zigasohoka bwa mbere mu kinyamakuru cyitwa Urwibutso n'Integuza (Review and Herald) mu mwaka wa 1881, zahawe insanganyamatsiko ivuga ibyo "Kwezwa" cyangwa se "Kugirwa intungane". Mu kwandika kuri iyi ngingo ashingiye ku mibereho ye mu by'Imana kandi intekerezo n'umutima we bimurikiwe na Mwuka Muziranenge, yasuzumanye ubushishozi ingingo zigize ukwezwa nyakuri, maze azitandukanya n'imyumvire idahwitse kandi idashingiye ku kuri, yabaye gikwira mu bantu, ku byerekeranye n'iyo nsanganyamatsiko yo kwezwa. {IY 4.1}

Muri iyo myaka, nibwo izo nyandiko cumi n'imwe zashyizwe hamwe maze zisohorwa mu icapiro ari agatabo gato gafite umutwe uvuga ngo, "Kwezwa Kuvugwa muri Bibiliya", maze kaboneka mu kwezi kwa Mutarama, 1889, nka kimwe mu bitabo bya mbere bigamije gufasha umwigishwa wa Bibiliya. {IY 4.2}

Mu mwaka wa 1937, iki gitabo cyaje guhabwa izina rimenyerewe ari ryo "Imibereho Yejejwe", maze cyongera gusohoka noneho mu buryo bwuzuye, cyiyongereyeho igika cy'amagambo yavanywe mu gitabo cyitwa "Abahanuzi n'Abami". Uko ni ko iki gitabo cyaje gusohorwa mu icapiro kimeze, ari gitoya, nyamara gicapwa ku bwinshi, kandi kibera ingirakamaro bitavugwa imibereho y'abantu benshi cyane. {IY 4.3}

Muri iyo myandikire yacyo mishya, nyamara itarigeze ihinduka mu buryo bw'ubutumwa bukubiyemo, iki gitabo gikize cyane ku by'umwuka kandi kimaze igihe kirekire, cyongeye gusohorwa kugira ngo kirusheho gukwira no gufasha abantu benshi. {IY 5.1}

Abashinzwe Iyandikwa n'Ikwirakwizwa ry'Inyandiko za Ellen G. White {IY 5.2}

Washington, D.C.
Nyakanga, 1956.

IGICE CYA 1 - GUTANDUKANYA IMYIZERERE Y'UKURI N'IY'IBINYOMA

Kwezwa nk'uko kugaragazwa mu Byanditswe Byera kugendana n'imibereho yose y'umuntu — umwuka, ubugingo, n'umubiri. Aha niho hari igitekerezo cy'ukuri cyo kwitanga utizigamye. Iki nicyo Pawulo yasabiraga itorero ry'i Tesalonike ngo bajye bishimira uwo mugisha ukomeye. "Imana y'amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n'umwuka wanyu, n'ubugingo, n'umubiri, byose birarindwe bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza" 1 Abatesalonike 5:23. {IY 9.1}

Hari imyumvire yo kwezwa itari iy'ukuri kandi iteje akaga iboneka mu myizerere y'abantu. Kenshi na kenshi usanga abirata ko ari abera (abaziranenge) muri bo nta kuri kwabyo kubagaragaramo. Kwezwa kwabo gushingira ku magambo n'imisengere yabo. Nyamara abifuza imico iboneye ya Gikristo ntibababasha guhangara kuvuga ko ari abaziranenge. Imibereho yabo ibasha kuba nta makemwa, babasha koko guhagararira ukuri bamenye kandi bemeye; ariko uko basuzuma imitima yabo bayigereranyije n'imico ya Kristo, ndetse uko barushaho kwegera ubwiza bw'Imana, niko barushaho kubona ubuziranenge bwayo, maze bakabasha gusobanukirwa n'inenge zabo ubwabo. {IY 9.2}

Iyo abantu birata ko bejejwe, baba batanga ibihamya byerekana ko bakiri kure yo guhinduka intungane. Ntibababasha kubona intege nke ndetse n'ubukene bwabo. Batekereza ko ari bo bagaragaza ishusho ya Kristo, nyamara babitewe no kutamusobanukirwa neza. Uko barushaho kwitarura Umucunguzi wabo, niko bakomeza kurushaho kwibona ubwabo nk'abakiranutsi. {IY 9.3}

Iyo tunihishwa n'ibyaha byacu maze mu kwizera tukicisha bugufi dutekereza ibya Yesu, uwacumitiwe ibyaha byacu akishyiraho intimba zacu zose, tubasha kwiga kugera ikirenge mu Cye. Kumuhanga amaso bituma natwe duhabwa ubwiza bwe. Kandi iyo uyu murimo ukozwe mu mibereho yacu, ntabwo tuzigera twirata ko dukiranuka, ahubwo tuzahimbaza Yesu Kristo, maze intege nke zacu tuzikomereze ku kunesha kwe. {IY 9.4}

Kwihangira Gukiranuka Ntibikwiriye

Umukiza wacu yahoraga yihanangiriza abantu kutihangira gukiranuka. Yigishije abigishwa be ko idini iruta izindi ari igaragarira mu kwicisha bugufi, itarimo kwihimbaza. Yabihanangirije kujya bakora ibikorwa byabo by'ubugira neza bucece; batagamije kubyamamaza, badashaka ishimwe n'icyubahiro cy'abantu, ahubwo bibe ibyo guhesha Imana icyubahiro, bizeye kuzabona ingororano zabo ku iherezo. Nibakorera ibyiza gushimwa n'abantu, nta ngororano bazahabwa na Data wo mu ijuru. {IY 9.5}

Abayoboke ba Kristo yabigishije kudasengana umugambi wo kumvwa n'abantu. "Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwiherereye. Nuko

So ureba ibyiherereye azakugororera.” (Matayo 6:6). Imvugo nk’iyi kumvikana iva mu kanwa ka Kristo igaragaza ko atashimaga imyitwarire yabonekaga mu Bafarisayo. Inyigisho ze zo ku musozi zigaragaza ko ibikorwa by’ubugiraneza bibasha kugira ishusho nziza kandi ikerekana igikorwa cyo kuramya gifite impumuro nziza kiramutse gikoranywe kutihimbaza, ahubwo gifite kwicuza ibyaha no kwicisha bugufi. Umugambi w’ukuri weza igikorwa. {IY 10.1}

Kwezwa nyakuri bihamanya neza n’ubushake bw’Imana. Ibitekerezo n’amarangamutima by’ubwigomeke biratsindwa, maze ijwi rya Yesu rigakangura ubugingo bushya, aribwo bwuzura imibereho yose y’umuntu. Abejejwe by’ukuri ntibabasha gushyiraho ibitekerezo byabo bwite ngo bibe urugero rw’icyiza n’ikibi. Ntibasuzugura abandi cyangwa ngo biyite abakiranutsi; ahubwo barwanya inarijye, birinda ngo hato, isezerano basigiwe, bitaboneka ko imibereho yabo inyuranya n’ibyo iryo sezerano rishingiye ho. {IY 10.2}

Gusimbuza Ubushishozi Amarangamutima

Abenshi bavuga ko bejejwe mu by’ukuri ntibasobanukiwe n’umurimo w’ubuntu ukorera mu mitima. Baramutse basuzumwe bakageragezwa, basangwa bameze nka wa Mufarisayo wiyitaga umukiranutsi. Ntibabasha gutandukanya ukuri n’ibinyoma. Birengagiza ubushishozi no gushyira mu gaciro, bakiringira gusa amarangamutima yabo, ibi byose bishingiye ku kumva hari urugero rwo kwezwa bagezeho mu mibereho yabo. Binangira imitima bagakomeza gukora ibidakwiye bakomeza kugaragaza gukiranuka kwabo, mu magambo menshi, nyamara nta mbuto zishimwa muri bo zibasha kubigaragaza. Aba biyita ko bakiranuka ntabwo bishuka ubwabo gusa biyoberanya, ahubwo imibereho yabo igira ingaruka mbi zibasha kuyobya abandi benshi bifuzaga kugendera mu bushake bw’Imana. Bashobora kumvikana kenshi bavuga bati, “Imana niyo inyobora! Imana niyo inyigisha! Jye nta cyaha ngira!” Abenshi bahura n’uwo mwuka basakirana n’umwijima, urujijo batabasha gusobanukirwa. Ariko ibi byose biterwa n’uko binyuranije na Kristo we rugero rw’ukuri. {IY 10.3}

Ukwezwa kuvugwa na Bibiliya ntigushingiye ku marangamutima. Aha niho benshi bayobera. Amarangamutima bakaba ari yo bagira igipimo. Iyo bumvise bahimbawe cyangwa banezerewe, bakavuga ko bejejwe. Kugira umunezero cyangwa kumva nta byishimo sibyo bihamya ko umuntu yejejwe cyangwa atejejwe. Kwezwa si ikintu kikubita ahongaho uwo mwanya. Kwezwa nyakuri ni umurimo wa buri munsi, ukomeza igihe cyose ubuzima bugikomeza. Abarwana n’ibigeragezo bya buri munsi, bagatsinda imibereho ibakururira gukora icyaha, kandi bifuza gukiranuka ko mu mutima n’imibereho yabo yose, ntibajya birata ko ari abaziranenge. Bafite inzara n’inyota byo gukiranuka. Banga icyaha urunuka. {IY 10.4}

Hari abirata ko ari abaziranenge bakanavuga ko bafite ukuri, kimwe na bagenzi babo, ugasanga ko bitoroshye kubatandukanya; nyamara ibyo aribyo byose, itandukaniro rirahari. Ubuhamya bw'abo bishyira hejuru buzatuma impumuro nziza y'Umwuka wa Kristo uva ku iteraniro, kandi buzasiga ubukonje ku baririmo, nyamara iyaba koko nta cyaha cyabarangwagaho, imibereho yabo niyo yakararitse abamarayika bera guterana na bo, maze amagambo yabo koko akaba "nk'amatunda y'izahabu ku mbehe y'ifeza" (Imigani 25:11). {IY 11.1}

Igihe cyo Kugeragezwa

Mu gihe cy'impeshyi, iyo twitegereza ibiti byo mu ishyamba, byose biba bisa neza byambaye itoto ry'icyatsi, icyo gihe ntitwabasha gutandukanya bya bindi bihora ari icyatsi ibihe byose n'ibindi biti. Ariko iyo urugaryi rwegereje, imbeho y'ubutita ibyugarije ndetse bitwikiriwe n'urubura, bya bindi bihorana itoto ry'icyatsi biragagara. Ni nako bizaba ku bagenda bicisha bugufi,batiringira imbaraga zabo, ahubwo bishingikiriza kuri Kristo. Ubwo abiyiringira, ndetse bibonamo ko imico yabo iboneye, bazamburwa uwo mwambaro w'ibinyoma byo gukiranuka kwabo ubwo bazasakirana n'ishuheri y'ibigeragezo, naho abakiranutsi by'ukuri, bakunda Imana by'ukuri kandi bakayubaha, bazambikwa gukiranuka kwa Kristo mu bihe byiza n'ibihe biruhije nk'ibyo. {IY 11.2}

Kwiyanga, kwitanga, kwitangira abandi,impuhwe,urukundo, kwihangana, ubutwari, no kwizera kwa Gikristo ni zo mbuto za buri munsi ziranga abomatanye n'Imana by'ukuri. Ibikorwa byabo bibasha kutagaragarira ab'isi, ariko bo ubwabo bakirana n'ikibi buri munsi, kandi bakanesha bitangaje ibyo bigeragezo n'ikibi cyose. Amasezerano akomeye aravugururwa, mu mbaraga zikomoka mu gusenga no guhora bari maso. Ufite amatsiko yo kubitegereza ntabasha gusobanukirwa n'urugamba bahanganye na rwo; nyamara ijisho ry'Uwo ureba ibihishwe mu mutima, ribona kandi rigashima ubutwari bwabo bagaragaza mu kwiyoroshya no kwicisha bugufi. Bisaba igihe cy'igeragezwa ngo hagaragazwe izahabu itagira inkamba, ari rwo rukundo n'imico yo kwizera. Iyo ibigeragezo n'ingorane byugarije itorero, nibwo umurava utadohoka n'urukundo rwa Kristo rw'abamukurikira by'ukuri birushaho gukomera. {IY 11.3}

Biteye agahinda kubona abitirirwa izina rya Kristo bayobywa n'ibinyoma bidafite ishingiro bafata nk'ukuri, kubera ko batabashije kubinyomoza ngo bagaragaze inzira y'ukuri. Bahitamo kwigaragaza inyuma nk'abashimwa, nyamara umwambaro wabo w'imbere, ari wo kwiyoroshya no kwicisha bugufi bya Kristo, bitababoneka mo. Igihe cy'igeragezwa kizagera kuri bose, ubwo ibyiringiro bya benshi bari bamaze igihe bibwira ko bameze neza, bazagaragara ko nta rufatiro bafite. Iyo bashyizwe mu myanya mishya, kubera impamvu zitandukanye, bamwe babonekaga nk'inkingi mu nzu y'Imana noneho basangwa ari

nk'imbaho zamunzwe gusa zitwikiriwe n'irangi riri inyuma. Ariko abiyoroshya mu mutima, bahora bumva ko ari ngombwa kwegurira imibereho yabo Rutare rw'iteka, ni bo bazahagaragara batanyeganyega n'ubwo bakugarizwa n'ibigeragezo, kuko batiyiringiye ubwabo. "Nyamara urufatiro rukomeye rw'Imana ruracyahagaze, rwanditsweho iki kimenyetso ngo, 'Uwiteka azi abe' " (2 Timoteyo 2:19). {IY 11.4}

Kwera Imbuto mu Buryo Busanzwe

Abo bihaharika ngo bagaragaze imirimo yabo myiza, bahora bavuga ku buziranenge bwabo kandi bahora bashishikajwe no kugira ngo imyizerere yabo yamamare, barishuka ubwabo mu byo bakora. Umuntu muzima, ubasha kwita ku muhamagaro w'ubugingo bwe kandi ukomeza umunsi ku wundi kwita ku nshingano ze mu mwuka w'ubugwaneza ndetse n'amaraso ye agenda neza mu mitsi nta kiyatangira, uwo ntagenda atangariza abo bahuye bose ngo bamenye ko ari muzima. Ubuzima n'ibitekerezo bizira umuze nibyo biranga imibereho ye, kandi we ntibimutesha igihe ngo yumve ko har'icyo arusha abandi. {IY 12.1}

Uku niko bimera ku mukiranutsi nyakuri. We ntiyibonaho ubwo bwiza no gukiranuka imbere y'Imana. Amahame y'Ubukristo kuri we yabaye nk'isoko y'ubuzima n'imyifatire, kandi kwera imbuto za Mwuka ni ibisanzwe nkuko umutini wera imbuto zawo, cyangwa nk'uko igiti cy'Iroza cyera indabyo zacyo. Imibereho ye yuzuye urukundo akunda Imana ndetse na bagenzi be, ku buryo imirimo akorera Kristo yose ayikora afite umutima unezerewe. {IY 12.2}

Abamwegera bose babona ubwiza n'impumuro y'imibereho ye ya Gikristo, nyamara we atanabyiyiziho, kuko bihamanya n'imico ye ndetse n'imyifatire. Ahora yifuza umucyo mvajuru, kandi akanezezwa no kuwugenderamo. Ibimumara inzara n'inyota ni ugukora iby'ubushake bwa Se wo mu ijuru. Ubugingo bwe buhishwe na Kristo mu Mana; nyamara kandi ntabyirata, ndetse ntibimutwarira igihe kubitekerezaho. Imana yishimira uwicisha bugufi kandi agakomeza kugera ikirenge mu cy'Umwami we. Bene abo abamalayika babahozaho amaso, ndetse bagahora bagenzura inzira zabo. Babasha kuvugwaho ko nta gaciro bafite nk'uko bibonwa n'abandi banezezwa no gushyira imbere gukiranuka kwabo, ariko abamalayika bo mu ijuru bacishwa bugufi no kubitaho, maze bakababera nk'urukuta rw'umuriro rubakingira. {IY 12.3}

Icyatumye Kristo Yangwa

Umucunguzi wacu ni We wari umucyo w'isi, ariko ab'isi ntibamumenya. Yakomeje gukora ibikorwa by'impuhwe, kugira ngo abashe kumurikira inzira zabo; nyamara ntiyigeze ahamagarira abazaga bamugana ngo barebe uko yari atandukanye n'abandi, barebe ukwiyanga kwe, ukwitanga yagiraga, ndetse n'ibikorwa bye bigamije gufasha abandi.

Abayuda ntibigeze banezezwa n'iyo mibereho. Babonaga ko imyizerere ye nta gaciro ifite, kuko itahamanyaga n'ingero zabo mu by'iyobokamana. Bahitamo kuvuga ko Kristo atari umunyedini mu by'umwuka ndetse no mu mico; kuko idini yabo yari ishingiye ku kwigaragaza, gusengera mu ruhame, no kugira ibikorwa by'ubugiraneza ngo bagaragare. Bamamazaga ibikorwa byabo byiza, nkuko bamwe bamamaza ko ari abaziranenge. Bakoraga ibishoboka byose ngo abantu bose bababone ko ari abaziranenge. Ariko imibereho ya Kristo yose yari ihabanye n'ibyo. Ntiyigeze yifuza inyungu cyangwa icyubahiro. Ibikorwa bye byiza byo gukiza yabikoraga mu buryo bwicishije bugufi mu buryo bwose bushoboka, nubwo atabashaga kwirengagiza ishimwe ry'ababaga bakiriye iyo migisha ye itangaje. Kwiyoroshya no kwicisha bugufi nibyo byarangaga imibereho ye. Iryo tandukaniro ryari hagati y'imibereho ye n'iy'Abafarisayo ni ryo ryatumye batamwemera. {IY 13.1}

Kwicisha Bugufi ni Imbuto ya Mwuka

Imbuto irusha izindi agaciro yo kwezwa ni ubuntu bwo kwicisha bugufi. Iyo ubu buntu bufite icyicaro mu bugingo, bugufasha guhindura imitekerereze n'imyifatire wari usanganywe. Habaho gukomeza kwihanganira mu Mana no kwiyegurira ubushake bwayo. Ubwenge bukarushaho gusobanukirwa n'ukuri kwose gukomoka mw'ijuru, maze ubushake bwose bugacishirizwa bugufi kwemera amategeko yose y'Imana, nta gushidikanya cyangwa kwitotomba. Kwicisha bugufi nyakuri koroshya kandi kukuzura umutima kandi kugahesha intekerezo kwitegurira kwomatana n'ijambo ry'Imana. Bikabashisha ibitekerezo kwumvira Yesu Kristo. Bigakingurira umutima kwakira ijambo ry'Imana, nk'uko byagendekeye Lidiya. Bidushyira hamwe na Mariya, nk'abifuza kwigira ku birenge bya Yesu. " Abicisha bugufi azabayobora mu byo gukiranuka, abicisha bugufi azabigisha inzira ye" (Zaburi 25:9). {IY 13.2}

Imvugo y'uwicisha bugufi ntijya ibamo kwirata. Kimwe n'umwana Samweli, asenga agira bati, "Uwiteka, vuga kuko umugaragu wawe nteze amatwi" (1 Samweli 3:9). Ubwo Yosuwa yashyirwaga hejuru mu mwanya w'icyubahiro, nk'umugaba w'ingabo za Isirayeli, yasuzuguye abanzi b'Imana bose. Umutima we wari wuzuyemo ibitekerezo bizima by'inshingano ye yari ikomeye. Ariko amaze guhishurirwa n'ubutumwa mvajuru yishyira mu mwanya w'umwana muto ngo ayoborwe. Igisubizo cye cyari ngo, " Mutware, jyewe umugaragu wawe untegetse iki?" (Yosuwa 5:14). Amagambo ya mbere ya Pawulo Kristo amaze kumwiyereka yagize ati, "Mwami urashaka ko nkora iki?" (Ibyakozwe n'Intumwa 9:6). {IY 13.3}

Kwicisha bugufi mu ishuri rya Kristo ni imwe mu mbuto zigaragara za Mwuka. Ni ubuntu buzanwa na Mwuka Wera we ufite ububasha bwo kweza,akanabashisha umwakiriye ibihe byose kudahubuka no guhutiraho ngo akore ibyo atabanje gutekereza. Iyo ubuntu bwo

kwicisha bugufi bwakiriwe n'abasanzwe barangwa n'inabi cyangwa guhubuka, bakora ibishoboka byose ngo barwanye iyo kamere yabo itanejeje. Buri munsi bazagenda batsinda inarijye, kugeza ubwo ikitanezeza ndetse kidakundwa na Yesu gitsindwa. Bahinduka abafashwa na gahunda y'ijuru, kugeza ubwo babasha kumvira itegeko ryahumetswe n'Imana. "Umuntu wese yihutire kumva ariko atinde kuvuga, kandi atinde kurakara" (Yakobo 1:19). {IY 14.1}

Iyo umuntu avuga ko yejejwe, nyamara mu magambo n'ibikorwa arangwa n'isoko yanduye idudubiza amazi yayo asharira, tubasha kuvuga tuti, Uriya muntu aribeshya. Akwiriye kwiga a, b, c, zigize imibereho y'Umukristo. Bamwe biyita ko ari abagaragu ba Kristo usanga kenshi barabaswe na dayimoni wo kutagira impuhwe, bagahora bakunda ibidatunganye ndetse bakanezezwa no kuvuga amagambo atanezeza ndetse atera uburakari. Aba bantu bakeneye guhinduka mbere yuko Kristo ababara nk'abana be. {IY 14.2}

Kwicisha bugufi ni umwambaro wo mu mutima. Uwo Imana iha agaciro gakomeye. Intumwa iwuvugaho ko ari uw'agaciro gakomeye ndetse urusha igiciro zahabu n'andi mabuye y'agaciro. Ubwo umwambaro w'inyuma urimbisha gusa uyu mubiri upfa, umurimbo wo kwicisha bugufi wambika umuntu w'imbere ari we bugingo, kandi ugahuza umuntu ubaho akanya gato n'Imana ihoraho iteka ryose. Uyu ni wo mwambaro Imana ishaka. Uwo watatse ijuru n'ibimurika, ni We wasezeranye kubw'Umwuka We ko, " Azarimbisha abanyamubabaro agakiza" (Zaburi 149:4). Abamarayika bo mu ijuru bazagaragaza ko umurimbo w'ukuri ari ukwambara Umwami Yesu Kristo kandi bakagendana na we bicisha bugufi ndetse biyoroshya mu mitima. {IY 14.3}

Hari urwego Umukristo akwiriye kugeraho. Abasha guhora azamuka mu ntera. Yohana wahishuriwe amahirwe y'Umukristo, aravuga ati, "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana" (1 Yohana 3:1). Ntibishoboka ko umuntu yagera ku cyubahiro kirenze iki; Umuntu yahawe amahirwe yo kuba umuragwa w'Imana hamwe na Kristo. Abo bose bahawe icyo cyubahiro, bahishuriwe ubutunzi butarondoreka buri muri Kristo, burenze cyane ubutunzi bw'isi. Bityo rero, kubwo kunesha kwa Kristo, umuntu urama igihe gito ashyirwa hejuru ngo asabane n'Imana ndetse n'Umwana wayo Ikunda. {IY 14.4}

IGICE CYA 2 - AMAHAME YO KWIRINDA YARANZE DANIYELI

Umuhanuzi Daniyeli yari icyamamare mu mico. Yari urugero rwiza rw'icyo abantu babasha kuba cyo igihe bifatanije n'Imana yo Soko y'ubwenge. Ibike byanditse ku mibereho y'uyu mukiranutsi w'Imana byandikiwe kudufasha twe abagombaga kubaho mu gihe gikurikira icyo yabayemo duhamagarirwa kwihanganira ibitugerageza byose. {IY 15.1}

Igihe ubwoko bw'Abisiraheli, abami, abatware, ndetse n'abatambyi bajyanagwa nk'imbohe mu bunyage, bane muri bo batoranirijwe gukora mu ngoro y'umwami w'i Babuloni. Umwe muri bo yari Daniyeli, wagaragaje kuva kiri muto ubwenge budasanzwe bwakomeje kumuranga no mu myaka yakurikiyeho. Aba basore bose bari ibikomangoma, kandi bavugwaho ko bari abasore "batagira inenge, ahubwo b'abanyaburanga, b'abahanga mu by'ubwenge bwose, bajijuka mu byo kumenya, b'ingenzuzi mu by'ubwenge," (Daniyeli 1:4). Abonye impano idasanzwe muri aba basore b'abanyagano, umwami Nebukadinezari agambirira kubategurira kuzaba mu myanya ikomeye mu bwami bwe. Kugira ngo babashe kuba bafite ubumenyi bwo guca imanza mu gihe cyabo, bikurikije imico y'iburasirazuba, bagombaga kwigishwa ururimi rw'Abakarudaya, no kwitabwaho imyaka itatu bahabwa imyitozo y'umubiri no gutozwa ingeso nziza. {IY 15.2}

Abasore bo muri iri shuri ntibari bemerewe gusa kuba mu ngoro y'umwami, ahubwo bagombaga no guhabwa ibyo kurya n'ibyo kunywa bivuye ku meza y'umwami. Muri ibi byose umwami yumvaga ko atabahesheje icyubahiro gusa, ahubwo yifuza ko banamenererwa neza mu mubiri no mu bitekerezo uko bishoboka. {IY 15.3}

Guhura n'Ikigeragezo

Zimwe mu nyama zashyirwaga ku meza y'umwami harimo n'iz'ingurube n'izindi zitejejwe nk'uko byanditswe mu mategeko ya Mose, kandi Abaheburayo bakaba bari babujijwe kuzirya. Aha Daniyeli yahuye n'ikigeragezo gikomeye. Ese yari guhitamo gukurikiza ibyo yigishijwe n'ababyeyi be ku byerekeye ibyo kurya no kunywa, maze akarakaza umwami, ndetse bibasha kumuviramo kubura umwanya we ndetse n'ubugingo bwe? Cyangwa yabashaga kwirengagiza itegeko ry'Imana, maze agakomeza gutona ku mwami, bikamuhesha amahirwe n'ubwenge no kwamamara by'iyi si by'akanya gato? {IY 15.4}

Daniyeli ntiyazuyaje. Yahisemo guhagararira ukuri, ngo ahasigaye bigende uko bishaka. Maze "agambirira mu mutima we kutaziyandurisha ibyokurya by'umwami, cyangwa vino yanywaga" (Daniyeli 1:8). {IY 15.5}

Si Ukudatekereza Neza cyangwa Kudaha Agaciro Inama z'Abandi

Hari benshi mu bitwa Abakristo mur'iki gihe babasha kuvuga ko Daniyeli atandukanye cyane n'abandi, bigatuma bavuga ko adatekereza neza cyangwa atita ku nama z'abandi. Bafata iki gikorwa cyo kurya no kunywa ko kidakwiye guhabwa agaciro kageze aho gufata umwanzuro ubasha kukuvutsa amahirwe y'ubu buzima. Ariko abatekereza batyo ku munsi w'urubanza bazasanga barateshutse ku byo Imana yabasabaga kugira ngo bishyirireho urugero rwabo bwite rwerekana ikibi n'ikiza. Bazasanga ko icyo bo batahaga agaciro atari ko byari bimeze ku Mana. Icyo Imana ishaka kigomba kubahirizwa. Abemera kubahiriza rimwe mu mategeko Ye ngo kuko bitababangamiye kubikora, nyamara bakirengagiza irindi kubera ko kuryubahiriza bisaba kwigomwa, bigatuma batesha agaciro ukuri ndetse bakabera abandi urugero rubi mu gukurikiza amategeko y'Imana. Itegeko rikwiriye kutuyobora muri byose ni iri ngo,"Uku niko Uwiteka avuga." {IY 16.1}

Imico Izira Amakemwa

Daniyeli yahuye n'ibigeragezo bikomeye abasore b'iki gihe babasha gusakirana na byo; nyamara yakomeje kwishingikiriza ku kuri kw'iyobokamana yigishijwe akiri umwana. Yari azengurutswe n'ibishuko bigamije guhungabanya imibereho y'abahindagurika bitewe n'amahame cyangwa ibyifuzo babogamiraho; nyamara ijambo ry'Imana rimwerekana nk'uwari ufite imico izira amakemwa. Daniyeli ntiyigeze yiringira imbaraga ze mu guhitamo igikwiriye. Amasengesho kuri we yari ingenzi. Yari yaragize Imana isoko y'imbaraga ze, kandi kubaha Imana kwe byakomeje kugaragarira mu byo yakoraga mu buzima bwe bwose. {IY 16.2}

Daniyeli yari afite impano yo kwicisha bugufi by'ukuri. Yari umunyakuri, ushikamye, uwiringirwa. Yaharaniraga kubana n'abantu bose amahoro, nyamara adapfa kugondwa nk'igiti cy'isadara igihe cyose kubahiriza itegeko byabaga ngombwa. Yarangwaga no kubaha no kumvira abamufiteho ububasha igihe cyose bitabangamiye ukwizera Imana kwe; ariko ukubaha Imana kwe kwari gukomeye cyane ku buryo iby'Imana imusaba yabisumbishaga kure cyane iby'abatware b'isi. Ntiyabashaga guhindura ibitekerezo bye ngo yifuze icyatuma ateshuka inshingano ye. {IY 16.3}

Imico ya Daniyeli igaragariza abatuye isi urugero rw'uko ubuntu bw'Imana bubasha guhindura abantu bafite kamere yahindanijwe n'cyaha. Urugero rw'imico ye y'intangarugero, imibereho yo kutihugiraho, bikwiriye kudufasha mu mibereho yacu. Dukwiriye kubikuramo imbaraga yo guhunga ibishuko, maze dushikamye, kandi mu buntu bwo kwicisha bugufi, tugahagararira ukuri mu bigeragezo bikomeye. {IY 16.4}

Kwemerwa n'Imana Bifite Agaciro Kurenza Ubuzima

Daniyeli yabashaga kubona impamvu y'urwitwazo rwatuma adohoka abitewe n'ibigeragezo; ariko kwemerwa n'Imana nibyo byari bifite agaciro kurenza ibyo yahabwa n'ubutware bwo kuri iyi si, ndetse bifite agaciro karenze n'ubuzima ubwabwo. Kubera imico ye myiza, yagiriye umugisha kuri Melizari, umutware wari ushinzwe abasore b'Abayuda, Daniyeli amusaba ko batahabwa kw'ifunguro ry'umwami cyangwa kuri vino ye. Melizari agira ubwoba ko aramutse yemeye iki cyifuzo, ko byazarakaza umwami maze akaba yishyize mu kaga. Nk'uko bigendekera benshi mur'iki gihe, yatekerezaga ko kutarya ibi biryo byiza ndetse na vino byari gutuma bananuka ndetse bagasa n'abarwaye badafite intege, ngo naho ibyokurya by'umwami byagombaga gutuma basa neza ndetse bikabaha imbaraga n'ubwenge. {IY 17.1}

Daniyeli asaba ko babibageragesha iminsi icumi — abo basore b'Abaheburayo mur'iyo minsi micye gusa bemererwa kurya ibyokurya byoroheje, naho bagenzi babo bakomeza guhabwa igaburo rivuye ku meza y'umwami. Ibyo bimaze kwemerwa, Daniyeli yumva ko ashubijwe neza. N'ubwo yari umusore, yari yarabonye akaga gaterwa na vino n'imibereho yo kudamarara ko bigira ingaruka ku mubiri n'ibitekerezo. {IY 17.2}

Imana Yemera Umugaragu Wayo

Nyuma y'iminsi icumi, ibyavuyemo byari bitandukanye n'ibyo Melizari yari yiteze. Uretse gusa neza, ariko no mu gihagararo n'ubwenge, ba bandi bababashije kwirinda mu mirire yabo bagaragaje akarusho kuri ba bandi baryaga ibyo babonye byose. Nyuma y'iryo geragezа, Daniyeli na bagenzi be bemererwa gukomeza kurya igaburo ryoroheje kugeza barangije imyitozo yo gukora inshingano z'ibwami. {IY 17.3}

Uwiteka yitegereje kandi ashima gukomera no kwigomwa kw'aba basore b'Abaheburayo, maze imigisha y'Uhoraho ibasesekazwaho. "Imana yahaye abo basore bane ubumenyi no gusobanukirwa ibyanditse mu bitabo no kugira ubwenge, Daniyeli we yari yarahawe no gusobanura inzozi n'amabonekerwa yose. (Daniyeli 1: 17). Nyuma y'imyaka itatu yo kwigishwa, ubwo ubushobozi bwabo n'ubumenyi byageragezwaga n'umwami, yasanze mu banyabwenge bose nta "wuhwanye na Daniyeli, Hananiya, Mishayeli na Azariya. Ni cyo cyatumye abagira abakozi be. Mu ijambo ryose ry'ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga barusha abakonikoni n'abapfumu bose bari mu gihugu cye cyose inkubwe cumi" (umurongo wa 20). {IY 17.4}

Kwirinda Kugira ngo Tugire Imibereho Yejejwe

Imibereho ya Daniyeli ni urugero rukomeye rugaragaza imico yejejwe. Itanga isomo kuri bose, cyane cyane abakiri bato. Kumvira ibyo Imana idusaba bizanira inyungu umubiri

n’ibitekerezo. Kugira ngo ugere ku rugero ruhanitse rw’imico mbonera no kugira ubwenge, ni ngobwa ko ushaka ubwenge n’imbaraga bikomoka ku Mana, no gukurikiza amabwiriza yo kwirinda mu mico yose y’ubuzima. Mu mibereho ya Daniyeli na bagenzi be tuhabona urugero rwo kunesha ibigeragezo byo gutwarwa n’irari. Bitwereka ko binyuze mu mahame yo kwizera Imana abasore babasha kunesha irari ry’umubiri kandi bagakomeza kuba abanyakuri ku byo Imana ibasaba, n’ubwo byasaba kwitanga birenze urugero. {IY 18.1}

Ibaze iyo Daniyeri na bagenzi be baza kwifatanya n’abo bayobozi batizera Imana maze bakumvira itegeko ryo kurya no kunywa ibyo ab’i Babuloni bari bamenyereye? Icyo gikorwa kimwe gusa cyo kwirengagiza amabwiriza cyari gutuma bacika intege mu bitekerezo byabo ndetse no guhorana ipfunwe ry’ikibi. Kwemerera irari ry’ibyokurya byari kugendana no gutakaza imbaraga z’umubiri, kubura ubwenge, n’imbaraga mu bya mwuka. Intambwe imwe igana mu kibi ahari yagombaga kubaganisha mu bindi nkabyo, kugeza ubwo umurunga ubahuza n’ijuru ucika, maze bagatwarwa n’ibigeragezo. {IY 18.2}

Imana iravuga iti, ” … Abanyubaha nzabakuza, naho abansuzugura nzabakoza isoni.” (1 Samweli 2:30). Ubwo Daniyeli yakomeje kugira kwizera Imana kutanyeganyega, Umwuka w’imbaraga y’ubuhanuzi yaje kuri we. Ubwo yari ahawe n’abantu inshingano mu buyobozi, yigishijwe n’Imana gusoma no gusobanura ibihishwe by’ahazaza no kugeza ku bazabaho nyuma ye, binyuze mu bintu bigaragara ndetse n’ibyo bifitanye isano, byerekana ibintu bikomeye byari kuzahishurwa mu bihe biheruka by’iyi si. {IY 18.3}

IGICE CYA 3 - KWIFATA MU BYO TURARIKIRA N'IBYO TWIFUZA

"…Mwirinde irari muterwa na kamere yanyu rirwanya ubugingo bwanyu," niyo mvugo y'intumwa Petero (1 Petero 2:11). Abenshi bafata iri somo nk'umuburo ku byerekeye irari ry'ubusambanyi gusa, ariko rifite ubusobanuro bwagutse biruseho. Ribuza ikintu icyo aricyo cyose cyagira ingaruka mbi bitewe n'irari no kwifuza. He kugira umuntu wese wiringira Imana wakwirengagiza ubuzima bw'umubiri, maze akibeshya ko kutirinda mu mirire atari icyaha, kandi ko bitabasha kugira ingaruka mu mibereho ye mu bya Mwuka. Hari isano ya bugufi cyane hagati y'iby'umubiri n'imibereho yo guhitamo ikibi n'icyiza. Ingeso yose idashyigikiye imibereho myiza y'ubuzima itesha agaciro intekerezo z'ubunyangamugayo. Imico mibi mu mirire n'iminywere ijyana ku gukora amakosa mu ntekerezo no mu bikorwa. Gutwarwa n'irari byongera imbaraga z'ubunyamaswa, zikaba arizo ziganza mu ntekerezo no kurenza imbaraga z'umwuka. {IY 19.1}

Ntibishoboka ko umuntu yanezezwa n'imigisha yo kwezwa nyamara agifite kamere yo kwikunda ndetse n'umururumba. Benshi banihishwa no kuremererwa n'umutwaro w'ingaruka mbi zikomoka ku mirire n'iminywere, byonona imibereho n'ubuzima. Bananiza ingingo zabo zishinzwe igogora kubera kurenza urugero. Imbaraga umuntu yahawe kurwanya ihohoterwa ry'umubiri iratangaje, ariko umuntu akomeje kwimenyereza kurya no kunywa birenze urugero bituma imbaraga z'umubiri zigabanuka. Mu gushyira imbere gutwarwa n'irari no kwifuza bituma n'abitwa Abakristo bagenda baremara mu mikorere yabo, ndetse bikagabanya imbaraga z'umubiri, iz'ibitekerezo, n'iz'imico. Reka abo banyantege nke batekereze uko bagombye kumera iyo baza kwirinda ndetse bagashyigikira gahunda y'ubuzima buzira umuze aho kubwangiza. {IY 19.2}

Ntabwo Ari Urugero Rudashoboka

Ubwo Pawulo yandikaga ati, "Imana y'amahoro ibeze rwose," (1 Abatesalonike 5:23), ntabwo yahamagariraga bene se kugambirira intego idashoboka kugerwaho; ntabwo yasabaga ngo bahabwe imigisha itari muri gahunda y'Imana. Yari azi neza ko abazatunganirizwa gusanganira Kristo mu mahoro bagomba kugira imico itunganye kandi iboneye. "Abarushanwa mu mikino bose bamenya kwifata ku buryo bwose. Bo babikorera kugira ngo begukane ikamba rishira vuba, ariko twebwe tubikorera kuzegukana ikamba ridashira. Ni yo mpamvu nanjye niruka ntameze nk'ukina umukino wo guterana amakofi ariko simpushe. Ahubwo mbabaza umubiri wanjye ngo ntazamara kwigisha abandi naho jye ngasigara ntemewe." (1 Abanyakorinti 9:25-27). "Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari ingoro za Mwuka Muziranenge utuye muri mwe, mwahawe n'Imana? Ntimuri abanyu bwite ngo mwigenge, kuko mwacunguwe mutanzweho ikiguzi. Kubera iyo mpamvu rero, mukoreshe imibiri yanyu ibyo guhesha Imana ikuzo." (1 Abanyakorinti 6:19-20). {IY 19.3}

Igitambo Kizira Inenge

Na none, intumwa Pawulo yongeye kwandikira abizera agira ati, "Nuko bene Data, ndabinginga kubw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye." (Abaroma 12:1). Hari amabwiriza yihariye yari yarahawe Abisirayeli ba kera ko nta nyamaswa ifite inenge cyangwa irwaye igomba gutambwa nk'igitambo giturwa Imana. Hagombaga gutoranywa ikizira inenge kikaba ari cyo gitambwa. Uwiteka, akoresheje umuhanuzi Malaki, yacyashye ubwoko bwe kubwo guteshuka kuri ayo mabwiriza. {IY 20.1}

" …Umwana yubaha se, n'umugaragu akubaha shebuja. None se ko ndi so, kuki mutanyubaha? Kandi ko ndi shobuja, kuki mutanyumvira! Nyamara murambaza muti 'Mbese tugusuzugura dute? Muransuzugura kuko muzana kurutambiro rwanjye ibyokurya bihumanye. Nyamara murambaza muti 'Twakugize dute?' Ni uko muvuga ko urutambiro rwanjye rusuzuguritse! Igihe muje kuntura itungo rihumye cyangwa ricumbagira cyangwa rirwaye, mbese ibyo si ukunsuzugura? Mbese itungo nk'iryo mwahangara kuritura umutegetsi w'igihugu cyanyu? Mbese mugize mutyo yabakirana ubwuzu akabashimira? Uko ni ko Uhoraho Nyiringabo abaza."… Kandi mukinuba muti 'Mbega agahato!' Nuko amatungo yakomeretse cyangwa acumbagira cyangwa arwaye, akaba ari yo muntura! Mbese bene ayo mature yanyu nayakira? Uko ni ko Uhoraho Nyiringabo abaza" (Malaki 1:6-13). {IY 20.2}

Nubwo ibi byabwiwe Abisirayeli ba kera, aya magambo arimo inyigisho ku bantu b'Imana bo muri iki gihe. Ubwo intumwa Pawulo yingingiraga bagenzi be gutanga imibiri yabo "nk'ibitambo bizima, byera, bishimwa n'Imana," yari ashyizeho amahame fatizo yo kwezwa by'ukuri. Ntabwo ari ibyo mu magambo gusa, amarangamutima, cyangwa ubwoko bw'imvugo, ahubwo ni imibereho y'ubuzima, amahame ahoraho, yinjira mu buzima bwa buri munsi. Bibasaba ko ingeso zacu mu mirire, mu minywere, no mu myambarire ziba izo kurinda impagarike yacu, ubusugire bw'intekerezo zacu, n'imico yacu, kugira ngo tubashe kwegurira Uwiteka imibiri yacu, atari igitambo cyahumanyijwe n'ingeso mbi, ahubwo ari "igitambo kizima, cyera, gishimwa n'Imana." {IY 20.3}

Ibikabura Umubiri n'Ibiyobyabwenge

Imiburo ya Petero yo kwirinda irari ry'umubiri ni imbuzi yahuranije ibuzanya gukoresha ibyo byose bikabura umubiri bikawinjizamo imbaraga zidasanzwe ndetse n'ibiyobyabwenge nk'icyayi, ikawa, itabi, inzoga n'indi miti ikomeye ihagarika uburibwe (morphine). Ibi byose bibasha gushyirwa mu gika cy'ibituma imibereho y'umuntu ikora mu buryo butari bwiza kandi budasanzwe. Uko ibi byimenyerezwa hakiri kare ni nako bigira

ingaruka mbi k'ubikoresha bikageza aho bimugira imbata, ndetse bikazageza aho bigabanya imibereho ye mu bya Mwuka. {IY 21.1}

Inyigisho za Bibiliya zizagira agaciro gake ku bantu bamaze kugwa ikinya mu ntekerezo zabo zo gushimisha irari ryabo. Ibihumbi n'ibihumbi ntibazabura ubuzima bwabo gusa, ahubwo bazabura n'ibyiringiro by'ijuru mbere y'uko bashoza intambara yo kurwanya irari ryabo ryabarenze. Umubyeyi umwe wari umaze imyaka myinshi avuga ko yejejwe, yavuze amagambo agira ati, "ndamutse mbwiwe guhitamo kureka inkono y'itabi cyangwa ijuru navuga nti, "Urabeho, wa juru we; Simbasha gusobanura uko nkunda inkono yanjye y'itabi." Iki kigirwamana cyari cyarubakiwe ingoro mu mibereho ye, maze Yesu ahabwa umwanya ukurikiye. Nyamara uyu mubyeyi yahoraga avuga ko yihaye Uwiteka wese! {IY 21.2}

Irari Rirwanya Ubugingo

Aho baba bari hose, abejejwe by'ukuri bazakomeza kugaragaza imico iboneye bahagararira ukuri mu myifatire yabo, kandi kimwe na Daniyeli, bazabera abandi urugero rwo kwirinda no kwizinukwa. Irari ryose ritagira gitangira rivamo kwifuza kwangiza. Ikintu cyose kinyuranya n'amategeko karemano giteza imibereho yangiza ubugingo. Gutegekwa n'irari ry'ibyokurya bitera kugubwa nabi mu nda, kunaniza umwijima, ubwonko butwikiriwe n'igihu, maze bigatuma umuntu ahorana umushiha. Maze iyi mibereho yuzuye ubumuga ikaba ari yo yegurirwa Imana nk'igitambo, kandi nyamara idashobora kwemera intumbi ngo ziyibere ibitambo keretse gusa bibaye bidafite inenge! Ni inshingano yacu kuzana irari ryacu n'ingeso zacu byo mur'ubu buzima ngo bigengwe n'amategeko agenga ibyaremwe. Iyaba imibiri yacu itambwa ku gicaniro cya Kristo yagenzurwaga uko ibitambo by'Abayuda byagenzurwaga, ninde wakwemerwa? {IY 21.3}

Ni buryo ki Umukristo akwiriye kurinda imico ye, ngo ibashe kurinda intekerezo ze byuzuye mu gukorera Kristo? Niba tugomba kwezwa, mu bugingo, umubiri, no mu mwuka, tugomba kubaho tugengwa n'itegeko mva juru. Umutima ntubasha kwiyegurira Imana mu gihe irari no kwifuza bihugiye mu kwangiza ubuzima. Abanyuranya n'amategeko ubuzima bushingiyeho, bagomba kubiryozwa. Ibi bituma ubushobozi bwabo buba buke mu buryo bwose kugeza aho batabasha kuzuza inshingano zabo kuri bangenzi babo, ndetse bakananirwa gusohoza inshingano Imana ibasaba. {IY 21.4}

Ubwo nyir'icyubahiro Palmerston, ministiri w'intebe w'Ubwongereza, yasabwaga n'umuyobozi w'itorero wo muri Scotch ngo ashyireho umunsi wo kwigomwa kurya no gusenga kubw'icyorezo cya korera cyari kibugarije, yarashubije vuba na bwangu ati, "Musukure kandi mutere imiti mu mihanda yanyu n'amazu, mukangurire abantu isuku n'ubuzima bwiza mu bakene, maze murebe ko bafite ibyokurya byiza kandi bihagije ndetse n'imyambaro, maze mukoreshe isuku ikwiriye muri rusange, icyo gihe ntimuzakenera

umwanya wo kwigomwa kurya no gusenga. Ndetse n'Uwiteka ntazumva amasengesho yanyu nimuramuka, mudashyize izi ngamba mu bikorwa." {IY 22.1}

Pawulo aravuga ati, " …Bityo rero nimucyo twiyeze, twivaneho ikintu cyose gishobora kuduhumanya imibiri cyangwa imitima, twihatire kuba abaziranenge no gutinya Imana." (2 Abanyakorinti 7:1). Aduha ingero zadukomeza zerekana umudendezo w'abejejwe by'ukuri: " Ubu rero abari muri Kristo Yesu nta teka bacirwa, kuko batagengwa n'irari ry'umubiri ahubwo bagengwa na Mwuka." (Abanyaroma 8:1). Yihanangiriza Abanyagalati agira ati, "Reka mbabwire: nimureke Mwuka w'Imana abayobore, bityo ntimuzaba mugikora ibyo kamere yanyu irarikira". (Abanyagalati 5:16). Avuga bimwe mu byo umubiri urarikira — gusenga ibigirwamana,… ubusinzi,… n'ibindi nk'ibyo" (imirongo 20, 21). Amaze kuvuga imbuto za Mwuka, zirimo kumenya kwifata, yongeraho ko " Aba Kristo Yesu babambye kamere yabo ku musaraba, hamwe n'ingeso mbi zayo n'irari ryayo. (umurongo wa 24). {IY 22.2}

Itabi

Yakobo avuga ko ubwenge buturuka mu ijuru "icyambere buraboneye." (Yakobo 3:17). Iyo aza kubona bene se bakoresha itabi, ese ntiyari kubacyaha kubera iyo mico agira ati ubwenge nk'ubwo ntibuturuka mu ijuru, ahubwo ni 'ubw'isi na kamere y'umuntu ndetse na Satani' (umurongo 15)? Muri iki gihe cy'umucyo wa Gikristo, ni kangahe iminwa ivuga izina ry'agaciro rya Kristo yanduzwa n'amacandwe ndetse n'umwotsi wuzuye umunuko? Mu by'ukuri umuntu wanezezwa n'ibyo byanduye na we aba ahumanye. Nk'uko nagiye mbona abavuga ko banejejwe n'imigisha yo kwezwa, nyamara bagakomeza kuba imbata z'itabi, bahumanya ibibakikije, naratekereje nti, Ijuru ryamera rite riramutse ririmo abanywi b'itabi? Ijambo ry'Imana ribivuga ryeruye ngo, "Ariko nta gihumanya kizinjira muri uwo murwa" (Ibyahishuwe 21:27). Byashoboka bite ko abo bimenyereje izo ngeso mbi babona umwanya mw'ijuru? {IY 22.3}

Abantu bavuga ko ari ab'Imana batamba imibiri yabo ku gicaniro cya Satani bakoserezaho imibavu y'itabi bayitura uwo mutware w'umwijima. Ese aya magambo urumva akakaye? Ni iby'ukuri, icyo gitambo gihabwa izo mana. Nk'uko Imana itunganye kandi yera, kandi itabasha kwemera igihumanya cyose mu mico yayo, ntabwo izemera iki gitambo cy'agaciro, cyanduye, kandi kitera; twakwanzura tuvuga ko Satani ari we bihesha ishema. {IY 22.4}

Yesu yapfiriye kugira ngo abohore umuntu ku ngoyi ya Satani. Yaje kutubohoresha igitambo cy'amaraso ye. Umuntu wamaze kuba igikoresha cya Yesu Kristo, kandi wemera ko umubiri we ari urusengero rwa Mwuka Wera, ntabwo azagirwa imbata y'imico iteye akaga nko gukoresha itabi. Imbaraga ze ziri muri Kristo, We wamuguze igiciro cy'amaraso Ye. Ibyo atunze byose ni iby'Uwiteka. None se yahangara ate kuvuga ko nta rubanza afite

nyamara akoresha uwo mutungo w'Uwiteka yamubikije mu guhaza irari rye ridafite ishingiro? {IY 23.1}

Umubare utagira uko ungana wangizwa buri mwaka kubw'iryo rari, nyamara hari benshi barimbuka kubwo kubura ijambo ry'ubugingo. Abiyita Abakristo biba Imana icya cumi n'amaturo, nyamara barimo batambira ku gitambiro kirimbuzi cy'irari, mu gukoresha itabi, birenze uko batanga mu kugoboka abakene cyangwa batanga ibikenewe mu murimo w'Imana. Abejejwe by'ukuri bazanesha ingeso mbi zose zishingiye kw'irari. Maze ubwo nibwo imiyoboro yose y'ubutunzi bwabo bazayerekeza mu bubiko bw'Uwiteka, kandi Abakristo ni bo bakwiye gufata iya mbere mu kutihugiraho, kwitanga, no kwirinda. Maze nibwo bazaba umucyo w'isi. {IY 23.2}

Icyayi n'Ikawa

Icyayi n'ikawa, kimwe n'itabi, bifite icyo byangiza ku mikorere y'ubuzima. Icyayi kirimo ubumara. Nubwo buri ku rugero ruto, ariko ingaruka zabwo ni kimwe n'iz'inzoga z'inkazi. Ikawa ifite uburyo isa n'itera igihu ku bwonko maze imbaraga zikagwa ikinya. Ntabwo ifite imbaraga nk'iz'itabi, ariko ingaruka ni zimwe. Impaka zagibwa kw'itabi ni zimwe n'iz'icyayi ndetse n'ikawa. {IY 23.3}

Igihe abafite akamenyero ko gukoresha icyayi, ikawa, itabi, urumogi, cyangwa inzoga z'inkazi babujijwe ibyo bamenyereye, bumva bidashoboka ko bagira ubushake n'ishyaka ryo kuramya Imana. Ubuntu mvajuru busa n'aho nta mbaraga bufite yo gushishikaza cyangwa guhindura amasengesho n'ubuhamya byabo ngo bibe ibiyobowe na Mwuka Wera. Abo biyita ko ari Abakristo bagomba kumenya inkomoko y'umunezero wabo. Ese ni ukomoka mu ijuru, cyangwa ni uwa hano ku isi? {IY 23.4}

Ku bakoresha ibi bikabura umubiri (byongerera umubiri imbaraga zidasanzwe), buri kintu gisa n'aho nta buryohe hatabonetse ibi yimenyereje. Ibi byica imibereho karemano y'umubiri n'intekerezo bigatuma umuntu agira ubushobozi bucye bwo kuyoborwa na Mwuka Wera. Aho ibi yamenyereje umubiri bitabonetse, uwo muntu agira inyota y'umubiri ndetse n'ibitekerezo, bitari ibyo gukiranuka, bitari ibyo kwera, bitari ibyo gusabana n'Imana, ahubwo iyo nyota ikaba iy'ibyo bigirwamana yimenyereje. Mu kwimenyereza ibyangiza umubiri, abiyita Abakristo buri munsi bagabanya imbaraga zabo, bigatuma batabasha guhesha Imana icyubahiro. {IY 23.5}

IGICE CYA 4 - ITANURA RY'UMURIRO

Muri uwo mwaka Daniyeli na bagenzi be batangiye inshingano bahawe n'umwami w'i Babuloni, habaye ibikorwa byinshi byagerageje ubunyangamugayo bw'aba basore b'Abaheburayo, ariko bagaragaza imbere y'ubu bwoko butubaha Imana, imbaraga no kwizerwa kw'Imana ya Isirayeli. {IY 25.1}

Ubwo Umwami yari afite amatsiko yo kumenya iby'ahazaza, yarose inzozi zitangaje, kandi zimutera ubwoba cyane, "ntiyabasha gusinzira" (Daniyeli 2:1). Nubwo izi nzozi zamuhagaritse umutima, ntiyabashaga kuzibuka. Nuko umwami ahamagaza abanyabugenge n'abapfumu, mu kubasezeranira ubutunzi bwinshi ndetse n'icyubahiro abategeka kumubwira izo nzozi n'ubusobanuro bwazo. Maze baravuga bati, "Twebwe abagaragu bawe tubwire inzozi warose maze tuzigusobanurire" (umurongo wa 4). {IY 25.2}

Umwami yari azi ko niba babasha kumubwira ubusobanuro, babasha no kumubwira izo nzozi. Imana mu bubasha bwayo, ni Yo yari yamweretse izo nzozi ariko ntiyatuma yibuka uko zari zimeze, ariko akomeza kumva zimuteye ubwoba, kugira ngo bishyire ahagaragara kwishushanya kw'abanyabwenge b'i Babuloni. Umwami ararakara cyane, ndetse ababwira ko bose bagomba kwicwa nyuma y'igihe runaka, nibatabasha gusobanura iby'izo nzozi. Daniyeli na bagenzi be bagombaga kwicanwa n'abo bahanuzi b'ibinyoma; ariko asa n'uwigerezaho, Daniyeli yiyemeza kujya imbere y'umwami, asaba ko yahabwa igihe ngo abashe kwerekana inzozi ndetse n'ubusobanuro bwazo. {IY 25.3}

Umwami amwemerera icyo asabye; maze Daniyeli ahamagaza bagenzi be, maze bose bashyira ikibazo imbere y'Imana, basaba ubwenge bukomoka kw'isoko y'umucyo no kumenya. N'ubwo bari mu ngoro y'umwami, bugarijwe n'ibigeragezo, ntibigeze bibagirwa inshingano bafite ku Mana. Bizeraga badashidikanya ko Imana ariyo yabashyize aho bari bari; kandi ko bakora umurimo wayo, buzuza inshingano mu murimo bashinzwe mu kuri. Bari bafite kwiringira Imana. Ni Yo basabye imbaraga igihe bari bageze mu kaga, kandi nk'uko byari bisanzwe, yababereye umufasha utarigeze abatererana. {IY 25.4}

Ibihishwe Bihishurwa

Abagaragu b'Uwiteka ntabwo bamutakambiriye ubusa. Bari baramuhesheje icyubahiro, maze mw'isaha y'ibigeragezo, na We abahesha icyubahiro. Ibyari bihishwe bihishurirwa Daniyeli, maze asaba kongera kubonana n'Umwami. {IY 25.5}

Umunyagano w'Umuyuda ahagarara imbere y'umutware w'ubwami bukomeye bwigeze bubaho munsi y'izuba. Umwami yari yataye umutwe kabone n'ubwo yari atunze iby'umurengera ndetse afite n'icyubahiro cyinshi, ariko umusore w'umunyagano yari afite amahoro anezerewe mu Mana. Mu mateka ya Daniyeli, iki nicyo cyari igihe yari agiye

guhabwa isumbwe, kumenyekana, no kugaragaza ubwenge bwe burenze ubw'abandi. Ariko mu magambo ye, yatangiye yerekana ko ntacyo aricyo, ahubwo Imana ye ari Yo ashyira hejuru avuga ko ari Yo soko y'ubwenge: {IY 25.6}

"Nyagasani amayobera wifuza kumenya nta munyabwenge cyangwa umupfumu, cyangwa umunyabugenge, cyangwa uzi kuragura ushobora kuyakubwira. Nyamara nyagasani, hari Imana yo mu ijuru isobanura amayobera, ni yo yakumenyesheje ibizaba mu gihe kizaza" (Daniyeli 2:27,28). Umwami atega amatwi yumva za nzozi zisobanurwa ingingo ku yindi; maze ubusobanuro bwazo bwose bumaze gutangwa neza, yumva ko akwiye kwemera ko ari uguhishurirwa kuvuye k'Uwiteka. {IY 26.1}

Ukuri kutanyuze iruhande gukubiye muri izi nzozi kwatumye umwami atekereza cyane, maze mu kwicisha bugufi no kwiyoroshya, yikubita hasi aramya agira ati, "Mu by'ukuri Imana yanyu ni yo Mana irusha izindi zose gukomera, ni yo itegeka abami kandi igahishura amayobera!" (umurongo 47). {IY 26.2}

Igishushanyo cy'Izahabu

Umucyo ukomoka mu ijuru wari umaze kumurikira umwami Nebukadinezari, maze mu gihe gito agaragaza umutima wo kubaha Imana. Imyaka mike yo gutera imbere ituma yishyira hejuru mu mutima we, maze yibagirwa uko yari yasobanukiwe n'Imana Ihoraho. Yongera gusubira mu gusenga ibigirwamana noneho ashyizeho umwete. {IY 26.3}

Ahereye ku butunzi bw'ibyo yanyaze ku rugamba, yacuze igishushanyo cy'izahabu gisa n'icyo yari yabonye mu nzozi, agishinga mu kibaya cya Dura, maze ategeka abatware bose n'abantu bose kukiramya, bitaba ibyo bakicwa. Iki gishushanyo cyari gifite uburebure bwa metero mirongo itatu n'ubugari bwa metero eshatu, maze kigaragara nk'igifite ubwiza buhebuje imbere y'aba bantu basenga ibigirwamana. Maze hatangwa itegeko rihamagarira abatware bose b'umwami ngo baze mu munsi wo kwerekana icyo gishushanyo, maze nibumva ijwi ry'ihembe n'imyironge n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, bikubite hasi bakiramye. Haramutse hagize ugomera iri tegeko, yagombaga guhita ajugunywa mw'itanura rigurumana. {IY 26.4}

Uwo munsi uragera, abantu bose baraterana, maze ijambo rigera ku mwami ko ba basore batatu b'Abaheburayo yari yarahaye gutegeka i Babuloni banze kuramya cya gishushanyo. Aba ni ba basore batatu bagenzi ba Daniyeli, abo umwami yari yarise Shadaraki, Meshaki na Abedinego. Yuzuye uburakari, Umwami abatumaho ngo baze aho ari, abereka itanura rigurumana, ababwira ko ari cyo gihano bari buhabwe baramutse banze kumvira itegeko rye. {IY 26.5}

Uko gukangata k'umwami kwabaye uk'ubusa. Ntabwo yabashaga guhindura izi nyangamugayo ngo batezuke ku mugambi wabo wo kubaha Umutware w'isi yose. Bari barigishijwe mu mateka ya basekuruza ko kugomera Imana ari umugayo, akaga, ndetse birimo ingorane; kandi bazi ko kubaha Imana atari inkomoko y'ubwenge gusa, ahubwo ko ari n'urufatiro rw'imigisha y'ukuri. Bitegereza itanura rigurumana batuje n'iryo teraniro ry'abasenga ibigirwamana. Bizeye Imana, kandi ntizabatererana. Igisubizo cyabo kirangwa no kubaha umwami, nyamara bamubwira bamaramaje bati: "Nyagasani umenye ko tutazasenga imana zawe kandi ko tutazaramya ishusho y'izahabu wahagaritse" (Daniyeli 3:18). {IY 27.1}

Uwo mwami w'umwibone yari ashagawe n'abatware be, hamwe n'abagaba b'ingabo banesheje amahanga; n'abantu bose bamwogeza ko afite ubwenge nk'ubw'imana zabo. Hagati y'urwo rusaku hari hahagaze abasore batatu b'Abaheburayo, bakomeje kwinangira kutumvira itegeko ry'umwami. Bubahirizaga amategeko y'i Babuloni igihe yabaga atagongana n'ay'Imana, ariko ntibababashaga gutandukira intambwe ingana n'agasatsi ko ku mutwe ngo bateshuke ku nshingano y'Umuremyi wabo. {IY 27.2}

Uburakari bw'umwami bwari butagifite igaruriro. Mu mbaraga ze zihebuje n'icyubaro, kugira ngo asuzugurwe n'abahagarariye ubwoko busuzuguritse bw'abanyagano, cyari nk'igitutsi atabasha kwihanganira. Maze itanura ryenyegezwa karindwi kurusha uko ryakaga mbere, maze bajugunyamo ba basore b'Abaheburayo b'abanyagano. Ibirimi by'umuriro byari bikaze cyane, ku buryo abajugunye mo abo basore byabatwitse bikabica. {IY 27.3}

Imbere y'Isumbabyose

Ako kanya mu maso h'umwami hagaragaza ubwoba bwinshi. Amaso ye yari ayahanze umuriro ugurumana, maze ahindukirira abatware be, arababwira ati, " Mbese ntitwajugunye mu muriro abagabo batatu baboshye?" (umurongo wa 24). Baramusubiza bati 'Ni byo nyagasani.' Nuko umwami aravuga ati, "Nyamara ndabona abagabo bane bataboshye bagenda mu muriro rwagati kandi ntacyo wabatwaye! Uwa kane arasa n'umwana w'Imana." (umurongo 25). {IY 27.4}

Iyo Kristo yiyeretse abana b'abantu, imbaraga itagaragara ivugana n'ubugingo bwabo. Bumva ko bari imbere y'Isumbabyose. Imbere y'ubutware bwe, abami n'abakomeye bahinda umushyitsi, kandi bakabona ko Imana ihoraho isumba imbaraga zose zo kwisi. {IY 27.5}

Afite isoni n'ikimwaro, umwami aravuga ati, "… Bagaragu b'Imana Isumbabyose mwe, nimusohoke muze hano." (umurongo 26). Baramwumvira, biyerekana imbere y'iteraniro

ntacyo babaye, nta n'umwotsi unuka ku myambaro yabo. Iki gitangaza cyagize ingaruka ikomeye mu bitekerezo by'abantu. Cya gishushanyo gikomeye cy'izahabu, cyari cyarashinzwe mu cyubahiro, kiribagirana. Umwami atanga itegeko yuko umuntu wese uzavuga nabi Imana y'aba bagabo azicwa, "kuko nta yindi Mana ishobora gukiza nka Yo." (umurongo 29). {IY 27.6}

Ubunyangamugayo Budahindagurika n'Ubugingo Bwejejwe

Aba basore batatu b'Abaheburayo bari bafite imibereho yejejwe by'ukuri. Imico y'Umukristo nyakuri ntibura gushyira ku munzani ingaruka. Ntabwo bigombera kubaza ngo, 'Ese abantu bazantekereza bate ndamutse nkoze ibi?' Cyangwa, 'Ni buryo ki byahungabanya gukomera kwange mu b'isi ndamutse nkoze biriya?' Mu bushishozi bukomeye, abana b'Imana bifuza kumenya icyo yifuza ko bakora, kugira ngo ibikorwa byabo biyiheshe icyubahiro. Uwiteka yashyizeho uburyo imitima n'ubuzima bw'abamukurikira bayoborwa n'ubuntu mvajuru, ngo babashe kuba urumuri n'itabaza rimurikira isi. {IY 28.1}

Izi nyangamugayo z'Abaheburayo zari zifite ubushobozi karemano, bari baragize amahirwe yo kwigira mu mashuri ahanitse mu by'umuco, kandi ubu bari mu myanya y'icyubahiro; ariko ibi byose ntibyatumye bibagirwa Imana. Ububasha bwabo bwakoresherejwe guhesha Imana icyubahiro. Mu bunyanga mugayo bwabo budahindagurika, bagaragaje uko bashima iyabahamagaye ikabavana mu mwijima ikabashyira mu mucyo w'itangaza. Mur'uko kurokorwa kw'igitangaza, imbere y'imbaga y'abantu, hagaragariye imbaraga y'Imana. Yesu yari iruhande rwabo mw'itanura ry'umuriro, icyubahiro Cye cyemeje umwami w'i Babuloni wishyira hejuru ko uwo nta wundi ko ari Umwana w'Imana. Umucyo mvajuru wakomeje kurabagirana kuri Daniyeli na bagenzi be, kugeza ubwo abo bakorana bamenye kwizera kwabatandukanyaga n'abandi, ndetse kugatuma imico yabo iba intanga rugero. Mu kurokora abagaragu bayo biringirwa, Uwiteka yahamije ko azahorana n'abarengana kandi ko azanesha imbaraga zose z'ab'isi zishaka kuribata ubuyobozi bw'Imana yo mw'ijuru. {IY 28.2}

Isomo ku Batentebutse

Mbega isomo hano ryahawe abacitse intege, abashidikanya, n'abanyabwoba mu murimo w'Imana! Mbega uko biteye imbaraga ku batabasha guteshurwa ku nshingano kubera ibigeragezo! Aba bantu bizerwa, badahungabanywa n'imiraba bagaragaza kwezwa nyako, nyamara ntibiyumvamo ko bakomeye. Ubwinshi bw'ibyiza bibasha gukorwa n'Abakristo bafite umurava ntibibasha kugereranywa kugeza ubwo iby'ubuzima bizashyirwa ahagaragara, ubwo intebe z'imanza zizashingwa maze ibitabo bikabumburwa. {IY 28.3}

Kristo agaragaza ubushake bwe muri iri tsinda ry'abantu; Ntaterwa isoni no kubita abavandimwe be. Hakwiye kugaragara amagana ahaboneka umwe gusa muri twe, bari ku ruhande rw'Imana, barangwa n'imibereho ihamanya n'ubushake bwayo, ngo babashe kurabagirana no kuba imuri zaka, bejejwe, b'abaziranenge, mu bugingo, umubiri, no mu mwuka. {IY 28.4}

Intambara iracyakomeje hagati y'abana b'umucyo n'abana b'umwijima. Abitwa izina rya Kristo bagomba kwiyambura imibereho ica intege umuhati wabo, ahubwo bagashishikazwa no gusohoza inshingano zabo. Abakora batyo basezeranirwa ko imbaraga y'Imana izahishurirwa muri bo. Umwana w'Imana, Umucunguzi w'isi, azagaragarira mu magambo yabo, n'imirimo yabo, maze izina ry'Imana rihabwe icyubahiro. {IY 29.1}

Nk'uko byari bimeze mu minsi ya Shadaraki, Meshaki, na Abedinego, ni nako mu minsi y'imperuka Uwiteka azakorera mu buryo bukomeye abahagararira ukuri badatezuka. Uwabanye n'Abaheburayo mu itanura ry'umuriro azabana n'abamwiringira aho bazaba hose. Kubana na We bizabakomeza kandi bibarinde. Hagati mu bigeragezo — ibigeragezo bisa n'aho bitigeze kubaho — intore Ze zizahagarara zishikamye. Satani n'ingabo ze uko zangana kose ntizibasha kunesha umunyantege nke wo mu bakiranutsi b'Imana. Abamalayika bafite imbaraga zihebuje bazabarinda, kandi ku bwabo Yehova azigaragaza "nk'Imana isumba imana zose," ishobora gukiza bihebuje abashyize kwizera kwabo muri We. Prophets and Kings, p. 513. {IY 29.2}

IGICE CYA 5 - DANIYELI MU RWOBO RW'INTARE

Igihe umwami Dariyusi yigaruriraga ingoma y'i Babuloni, yahise atangira guhindura imitegekere yayo. Dariyusi "yiyemeza gushyiraho abategetsi ijana na makumyabiri…; ashyiraho n'abayobozi batatu; barimo na Daniyeli" (Daniyeli 6:1, 2). Kandi "Daniyeli yarushaga cyane abandi bayobozi n'abategetsi ubwenge, ku buryo umwami yari afite umugambi wo kumwegurira ubutegetsi bw'ubwami bwe bwose. (Umurongo wa 3). Icyubahiro cyahawe Daniyeli cyateye ishyari abatware bo muri ubwo bwami. Kubera ibyo abo bayobozi n'abategetsi bashakisha impamvu yose baheraho ngo bamurega. "Ariko bamuburaho ikosa n'icyaha kuko yari inyangamugayo. Nta burangare cyangwa ubuhemu bamubonyeho." (umurongo wa 4). {IY 30.1}

Mbega isomo tubona aha rireba Abakristo bose. Amaso yuzuye ishyari yose yari ahanzwe kuri Daniyeli umunsi ku wundi; bamuhanze amaso yuzuye urwango; nyamara nta na kimwe mu bikorwa bye babashaga kwerekana nk'ikosa. Kandi ntiyigeze yirata ko ari uwera, ahubwo yakoze ikiruseho kuba cyiza — yabayeho imibereho ikiranuka kandi yiyeguriye Imana. {IY 30.2}

Uko gukiranuka kw'imico ya Daniyeli kwarushagaho kugaragara, niko abanzi be barushagaho kumwanga. Basaga n'abuzuye ibisazi, kuko ntacyo babashaga kumurega gishingiye ku mico ye cyangwa gishingiye no ku kutubahiriza inshingano ze. "Maze aba bagabo baravuga bati, "Nta kosa twabona ryo kurega Daniyeli, keretse dushakiye ikirego ku byerekeye amategeko y'Imana ye." (Umurongo wa 5). Daniyeli yasengaga Imana yo mw'ijuru gatatu ku munsi. Iki ni cyo kirego cyonyine babashaga kumurega. {IY 30.3}

Hacurwa noneho umugambi ubasha kumuhitana. Abanzi be bateranira i bwami basaba umwami ngo ashyireho itegeko yuko nta muntu n'umwe ugomba gusaba ikintu cyose Imana cyangwa undi muntu, keretse umwami Dariyusi, kumara iminsi mirongo itatu, ngo kandi uzanyuranya n'iryo tegeko, azahanishwe kujugunywa mu rwobo rw'Intare. Umwami ntiyari azi urwango aba bagabo bafitiye Daniyeli, ndetse ntiyanigeze atekereza ko iri tegeko ari we rigamije kugirira nabi. Kubwo gushimagiza umwami, bamwijeje ko bizamuhesha icyubahiro naramuka yemeje iryo tegeko. Bavuye imbere y'umwami mu maso yabo hagaragaza ukumwenyura guturuka ku kunesha kwa Satani, banejejwe n'umutego bateze umugaragu w'Imana. {IY 30.4}

Icyitegererezo cy'Ubushizi bw'Amanga no Kwizerwa

Umwami yemeza rya tegeko. Daniyeli amenya impamvu abanzi be bashaka kumuhirika. Ariko ntibyatumye ahindura gahunda ye n'umunsi n'umwe. Yakomeje gukora inshingano ze atuje nk'uko bisanwe, kandi kw'isaha yo gusenga akajya mu cyumba cye, amadirishya

ye akinguye yerekeye i Yerusalemu, akerekeza amasengesho ye ku Mana yo mw'ijuru. Ibikorwa bye byavugaga ku mugaragaro nta bwoba ko nta mbaraga zo ku isi zifite ububasha bwo guhagarara hagati ye n'Imana ye ngo zimutegeke uwo agomba cyangwa atagomba gusenga. Intwari idatezuka! Ihagaze imbere y'isi n'uyu munsi irangwa no gushimwa nk'Umukristo ushize amanga kandi wizerwa. Umutima we wose awerekeza ku Mana, kabone nubwo yaba azi ko urupfu ari cyo gihano kimutegereje kubwo gusenga kwe. {IY 30.5}

Abanzi be bakomeza kumugenza umunsi wose. Gatatu kose yinjira mu cyumba cye, kandi inshuro eshatu zose bumva ijwi rye atakambira Uhoraho. Bukeye babwira umwami yuko Daniyeli, umwe mu banyagano b'Abayuda, yanze kumvira itegeko rye. Umwami yumvise aya magambo, amaso ye arahweza abona umutego watezwe. Aterwa agahinda cyane kuba yaremeje iri tegeko, abunza imitima kugeza nimugoroba ashaka uko Daniyeli yakira. Ariko abahanuzi b'inshuti za ba banzi ba Daniyeli bari babiketse, maze baza imbere y'Umwami n'aya magambo ngo: "Nyagasani, uzirikane ko ukurikije amategeko y'Abamedi n'Abaperesi, nta tegeko cyangwa iteka ryatangajwe n'umwami rishobora gukuka." (umurongo 16). {IY 31.1}

"Nuko umwami ategeka ko bazana Daniyeli bakamujugunya mu rwobo rw'intare. Umwami aramubwira ati, 'Imana yawe usenga buri gihe igukize.' " (umurongo wa 17). Bazana ibuye barikingisha urwobo, umwami ashyiraho ikashe ye bwite n'iz'ibikomangoma bye kugira ngo hatagira uhindura ibitegetswe kuri Daniyeli. " Maze Umwami ajya mu ngoro ye arara atariye, yirinda ibimushimisha kandi ntiyabasha gusinzira." (umurongo wa 18). {IY 31.2}

"Imana Yanjye Yohereje Malayika Wayo"

Mu gitondo kare kare umwami azindukira kuri rwa rwobo rw'intare, arataka ati, "Yewe Daniyeli mugaragu w'Imana nzima we, mbese Imana ukorera buri gihe yashoboye kugukiza intare? " (umurongo 20). Ijwi ry'umuhanuzi ryumvikana risubiza riti, " Nyagasani, uragahoraho! Imana yanjye yohereje umumarayika wayo, abumba iminwa y'intare ntizagira icyo zintwara. Imana yasanze ndi umwere, kandi nawe nyagasani nta cyo nagucumuyeho." {IY 31.3}

"Nuko umwami aranezerwa cyane, ategeka kuzamura Daniyeli bakamuvana mu rwobo. Ntihagira igikomere bamusangana kubera ko yari yiringiye Imana ye." (Imirongo 22,23). Uko niko umugaragu w'Imana yakijijwe. Imigambi abanzi be bari bamugiriye ahubwo baba ari bo igaruka. Kw'itegeko ry'umwami bajugunywa murwobo, ako kanya batanyaguzwa n'inyamaswa z'inkazi. {IY 31.4}

IGICE CYA 6 - AMASENGESHO YA DANIYELI

Ubwo iherezo ry'igihe cy'ubunyage cy'imyaka mirongo irindwi ryari ryegereje, ibitekerezo bya Daniyeli byacukumbuye cyane ubuhanuzi bwa Yeremiya. Yabonye ko igihe kiri hafi ubwo Imana yari igiye guha ubwoko bwayo andi mahirwe; hamwe no kwiyiriza ubusa, no kwicisha bugufi no gusenga, yinginga Imana yo mw'ijuru kubw'Abisirayeli, muri aya magambo: "Nyagasani Mana, wowe ukomeye kandi ufite igitinyiro, ukomeza Isezerano ryawe ukagirira neza abagukunda bagakurikiza amabwiriza yawe. Nyamara twakoze ibyaha tugucumuraho, twagize nabi turakugomera, twateshutse amabwiriza yawe ntitwakurikiza n'ibyemezo wafashe. Watumye abagaragu bawe b'abahanuzi ku bami bacu no ku bategetsi bacu no kuri ba sogokuruza, ndetse no ku baturage bose bo mu gihugu, ariko twabimye amatwi." (Daniyeli 9:4-6). {IY 32.1}

Daniyeli ntagaragaza gukiranuka kwe bwite imbere Imana. Aho kuvuga ko ari imbonera n'umuziranenge, uyu muhanuzi wubahwa yicishije bugufi yishyira hamwe n'abandi Bisirayeli nk'abacumuye. Ubwenge Imana yari yaramuhaye bwari burenze kure ubwenge bw'abakomeye bo muri iyi si, nk'uko umucyo w'izuba umurikira mu kirere ku manywa y'ihangu ugatwikira uw'inyenyeri. Tekereza iri sengesho ryavuye mu kanwa k'uwemewe n'ijuru. Mu kwicisha bugufi, mu marira atagira imbereka ku mutima, yinginga Imana kubwe no kubw'ubwoko bwe. Ashyira ubugingo bwe imbere y'Imana, yatura kudakiranuka kwe, kandi agaragaza gukomera n'ubushobozi bw'Ubuhoraho. {IY 32.2}

Gukomeza Umurava n'Ubwitange

Mbega umurava n'ubwitange byaranze amasengesho ye! Ukuboko kwe kwizera kwazamuriwe gusingira amasezerano adakuka y'Isumbabyose. Ubugingo bwe bukirana n'agahinda. Maze abona igihamya ko gusenga kwe kumviswe. Yizera ko intsinzi ari iye. Iyaba natwe nk'abantu twabashaga gusenga nk'uko Daniyeli yasenze, tugakirana n'ibigeragezo nk'uko yakiranye na byo, twicisha bugufi imbere y'Imana, twagombye kubona ibisubizo by'amasengesho yacu nk'uko byagendekeye Daniyeli. Umva uko yashyikirije ikirego cye mu rukiko rwo mu ijuru: {IY 32.3}

"Mana yanjye, tega amatwi wumve! Ngaho reba akaga twagize n'ak'umurwa wakweguriwe. Turagutakambira tutishingikirije ubutungane bwacu, ahubwo twishingikirije impuhwe zawe nyinshi. Nyagasani, utwumve! Nyagasani, utubabarire! Nyagasani, utwiteho ugire icyo ukora udatindiganyije! Bikore kubera ko uri Imana yacu natwe tukaba ubwoko bwawe, no kubera umurwa wawe wakweguriwe." (imirongo 18, 19). {IY 32.4}

Umugaragu w'Imana yasabaga ko imigisha iva mu ijuru imanukira ubwoko bw'Imana no gusobanukirwa ubushake mvajuru. Umutwaro wari ku mutima we wari uwa Isirayeli, kubera

ko batari bashikamye, mu gukomeza amategeko y'Imana. Asobanukirwa ko ibyago byose byababayeho byatewe n'ingaruka zo kwirengagiza amategeko yera. Aravuga ati, " Twakoze ibyaha tugucumuraho . . . Erega kubera ibyaha byacu n'ibicumuro bya ba sogokuruza, Yeruzalemu n'ubwoko bwawe dusuzugurwa n'amahanga adukikije!" (imirongo 15, 16). Abayuda bari baratakaje icyubahiro cyabo, n'imico yera y'Imana nk'ubwoko bwatoranyijwe. "Mana yacu, umva amasengesho yanjye n'icyo ngusaba. Girira ko uri Nyagasani, usanishe Ingoro yawe yasenyutse." (umurongo 17). Umutima wa Daniyeli wibukana agahinda ingoro y'Imana yagizwe amatongo. Yari azi ko gukomera kwayo kubasha gusanwa gusa Abisirayeli babashije kwicuza ibicumuro byo kugomera amategeko y'Imana, bakicisha bugufi, bagakiranuka, kandi bakumvira. {IY 33.1}

Intumwa Mvajuru

Uko amasengesho ya Daniyeli akomeza kujya mbere, malayika Gaburiyeli amanuka ava mu bikari byo mu ijuru kumubwira ko gusenga kwe kwashubijwe. Uyu malayika ukomeye azanwa no kumwungura ubwenge no kumenya — ngo abashe gusobanukirwa ibitangaza byendaga kuba mu gihe kiri imbere. Nuko, ubwo yari ashishikajwe no kumenya no gusobanukirwa ukuri, Daniyeli agirana ikiganiro n'intumwa ivuye mu ijuru. {IY 33.2}

Nk'igisubizo cyo kwinginga kwe, Daniyeli ntiyahawe gusa umucyo n'ukuri we n'ubwoko bwe bari bakeneye, ahubwo yahishuriwe ibikomeye byo mu bihe bizaza, ndetse kugeza ku kugaruka k'Umucunguzi w'isi. Abiyita ko ari abaziranenge, nyamara badafite umurava wo gusuzuma Ibyanditswe Byera cyangwa ngo bakirane n'Imana mu masengesho ngo babashe gusobanukirwa n'ukuri kwa Bibiliya, ntibazi neza kwezwa by'ukuri icyo ari cyo. {IY 33.3}

Daniyeli yavuganye n'Imana. Yakinguriwe ijuru. Ariko icyubahiro yahawe ni cyo cyatumye yicisha bugufi arushaho kwifuza gusobanukirwa. Abemera ijambo ry'Imana n'umutima wabo bazagira inzara n'inyota yo kumenya ubushake bwayo. Imana ni Yo soko y'ukuri. Imurikira intekerezo ziri mu mwijima igaha umuntu imbaraga y'ubwenge yo kwakira no gusobanukirwa ukuri Imana yahishuye. {IY 33.4}

Gushaka Ubwenge Buva ku Mana

Dushingiye ku bimaze gusobanurwa, malayika Gaburiyeli yahaye Daniyeli amabwiriza noneho yabashaga kumva. Imyaka mike ishize, nyamara, umuhanuzi yifuje gusobanukirwa n'ibyo atari yasobanukiwe neza, na none yongera gushaka umucyo n'ubwenge bukomoka ku Mana. "Muri icyo gihe jyewe Daniyeli namaze ibyumweru bitatu nibabaje. Sinigeze ndya umutsima nubwo ari mwiza, nta nyama cyangwa ibindi byokurya byiza, sinigeze nywa divayi, nta n'ubwo nigeze nisiga amavuta . . . Nubuye amaso kugira ngo ndebe mbona umuntu wambaye imyambaro yera, akenyeye umukandara w'izahabu inoze. Umubiri we

wateraga ibishashi nk'ibuye ry'agaciro, mu maso he harabagiranaga nk'umurabyo, amaso ye yabengeranaga nk'indimi z'umuriro, amaboko n'amaguru bye byari bimeze nk'umuringa unoze. Iyo yavugaga wagiraga ngo ni amajwi y'abantu benshi." (Daniyeli 10:2-6). {IY 33.5}

Ubu busobanuro busa n'ubwo Yohana yeretswe ubwo Kristo yamubonekeraga ari ku kirwa cy'i Patimo. Usa n'umwana w'Imana yabonekeye Daniyeli. Uwiteka yohereza indi ntumwa ivuye mu ijuru ngo yongere kwigisha Daniyeli ibizaba mu minsi y'imperuka. {IY 34.1}

Ukuri gukomeye kwahishuwe n'Umucunguzi w'isi ni ukw'abashakisha ukuri nk'abashaka ubutunzi buhishe. Daniyeli yari amaze gusaza. Ubuzima bwe bwari bwaranyuze mu bigeragezo byo mu ngoro y'abapagani, ibitekerezo bye binihishwa n'ibyaberaga muri ubwo bwami bukomeye. Nyamara ibyo byose abishyira ku ruhande ngo yegurire ubugingo bwe Imana, anashaka gusobanukirwa n'umugambi w'Isumbabyose. Nk'igisubizo cy'amasengesho ye, yahawe umucyo uturutse mu bikari byo mu ijuru kandi ugezwa no ku bazabaho mu minsi ya nyuma. Ni umurava umuze ute twebwe tugomba gushakana Imana, ngo ibashe gukingura ibitekerezo byacu maze dusobanukirwe n'ukuri duhabwa gukomoka mu ijuru. {IY 34.2}

"Jyewe Daniyeli nari hamwe n'abandi, ariko ni jye jyenyine wabonekewe abandi ntibabonekerwa, ahubwo ubwoba bwinshi bwarabatashye barahunga bajya kwihisha . . . Byanteye gucika intege nshya ubwoba, nsigara nta mbaraga mfite" (imirongo 7, 8). Abejejwe by'ukuri bagira imibereho isa nk'iyi. Uko bazarushasho kubona gukomera, icyubahiro no gukiranuka bya Kristo, ni ko bazarushaho kubona intege nke zabo no kudatungana. Ntibazabona imbaraga yo kwiyita abaziranenge; ibyabonekaga nk'ukuri muri bo, n'ibigereranywa no kwera n'icyubahiro bya Kristo, bizagaragara ko bidakwiye kandi byanduye. Iyo abantu bitandukanije n'Imana, iyo bafite gushidikanya ku bya Kristo, nibwo bavuga bati, "Ndi umuziranenge ; Nagizwe umwere." {IY 34.3}

Gaburiyeli noneho abonekera umuhanuzi, maze aramubwira ati: "Yewe Daniyeli watoneshejwe n'Imana, umva icyo amagambo nkubwira asobanura. Haguruka, dore Imana yakuntumyeho. Akimara kumbwira ayo magambo mpita mpaguruka mpinda umushyitsi. Arongera ati 'Daniyeli, wigira ubwoba. Kuva ku munsi wa mbere wiyemeje gusobanukirwa no kwicisha bugufi imbere y'Imana, yumvise isengesho ryawe none nkuzaniye igisubizo cyayo." (imirongo 11, 12). {IY 34.4}

Icyubahiro Daniyeli Yahawe n'Umwami

Mbega icyubahiro Daniyeli yahawe n'umutware w'ijuru! Yahumurije umugaragu we wahindaga umushyitsi amwizeza ko gusenga kwe kumvikanye mu ijuru. Mu gisubizo cyo kwinginga kwe malayika Gaburiyeli yaroherejwe ngo akore ku mutima w'umwami w'i

Peresi. Umwami yari yarinangiye umutima mu gihe cy'ibyumweru bitatu Daniyeli yamaze yiyiriza ubusa anasenga, ariko igikomangoma cy'ijuru Malayika ukomeye, Mikayeli, yohererejwe guhindura umutima w'umwami wari winangiye ngo afate icyemezo gisubiza amasengesho ya Daniyeli. {IY 35.1}

"Ayo magambo yayambwiye nubitse umutwe ku butaka, ntinya kugira icyo mvuga. Nuko haza usa n'umuntu ankora ku munwa . . . Uwo wambaye imyambaro yera arambwira ati 'Yewe muntu watoneshejwe n'Imana gira amahoro witinya. Komera! Komera! Akimvugisha ndamubwira nti 'Nyakubahwa, ampaye imbaraga none gira icyo umbwira." (imirongo 15-19). Ni icyubahiro gihebuje cyahishuriwe Daniyeli ku buryo atabashaga kwihanganira uwo mucyo. Maze intumwa mvajuru itwikira uwo mucyo maze yiyereka umuhanuzi isa n'umuntu" (umurongo wa 6). Binyuze mu mbaraga mvajuru, Malayika yakomeje uyu mugabo w'inyangamugayo kandi wiringira, ngo yumve amagambo Imana imwohererereje. {IY 35.2}

Daniyeli yari umugaragu w'Isumbabyose witanga. Imibereho ye yaranzwe n'ibikorwa by'ingenzi byo gukorera Shebuja. Imico ye izira amakemwa no kwizera kwe kudahungabana bigaragazwa no kwicisha bugufi no kugira umutima umenetse imbere y'Imana. Tubisubiremo, imibereho ya Daniyeli yaranzwe no kuba icyitegererezo cyiza cy'umuntu wejejwe by'ukuri. {IY 35.3}

IGICE CYA 7 - IMICO YA YOHANA

Intumwa Yohana yari afite umwihariko ku zindi ntumwa kuko yari azwi nk' "umwigishwa Yesu yakundaga." Kubera ko atigeraga agira ubwoba na gato, cyangwa intege nke, habe no guhindagurika mu mico, yari afite imico myiza, n'umutima w'urukundo. Bigaragara ko yanezezwaga cyane n'umwihariko w'urukundo yari afitanye na Yesu, kuko yagiye abona impano nyinshi zigaragaza icyizere n'urukundo Umukiza yari amufitiye. Yari umwe mu batatu bahawe amahirwe yo kwerekwa icyubahiro cya Kristo ku musozi yiyerekaniyeho afite ishusho irabagirana, ndetse no kubona agahinda ke i Getsemani; ndetse ni we Umwami wacu yaragije nyina kuri ya saha ya nyuma y'umubabaro ari ku musaraba. {IY 36.1}

Urukundo Umukiza yagaragarije uyu mwigishwa ukundwa rwongeye kwigaragaza mu kwitanga kwe atizigamye. Yohana yomatanye na Kristo nk'uko ishami ry'umuzabibu rifata ku gishyitsi. Kubwa Shebuja, [Yohana] yemeye kwigerezaho no kwishyira mu kaga ari kumwe na Yesu muri cya cyumba yacirwagamo urubanza, ndetse no ku musaraba yari ahari; kandi ubwo yumvaga inkuru yuko Yesu yazutse, yarihuse ngo atanguranwe kugera ku mva aho bari bamuhambye, maze umurava we umushoboza no gusumbya intambwe Petero wakundaga guhubuka. {IY 36.2}

Urukundo Yohana yakundaga Umukiza we ntabwo rwari urukundo rusanzwe rwa kimuntu, ahubwo rwari urukundo rw'umunyabyaha wihannye, wumvaga ko yacungujwe amaraso ya Kristo y'igiciro cyinshi. Yumvaga ari iby'icyubahiro gikomeye gukora no kubabazwa akora umurimo w'Umwami. Urukundo yakundaga Yesu rwatumye akunda abantu bose Kristo yapfiriye. Idini ye yagaragariraga mu bikorwa. Yavugaga ko urukundo umuntu akunda Imana rugaragarira mu gukunda abana bayo. Yakomeje kumvikana kenshi avuga ati "Ncuti nkunda, ubwo Imana yadukunze bigeze aho, natwe tugomba gukundana." 1Yohana 4:11. "Igituma dukunda ni uko Imana yabanje kudukunda. Umuntu navuga ati, 'Nkunda Imana ariko akanga umuvandimwe we, aba ari umunyabinyoma, yabasha ate gukunda Imana atabonye?" (imirongo 19, 20). Imibereho y'uwo mwigishwa yari ihuje n'ibyo yigishaga. Urukundo rwagurumanaga mu mutima we kubwa Kristo,ni rwo rwamubashishije kugaragaza umurava, mu gukora atizigamye kubwa bagenzi be, cyane cyane abavandimwe be bo mu itorero rya Kristo. Yari umubwiriza ukomeye, ugaragaza umurava mu byo akora, kandi w'umunyakuri, n'amagambo ye yabaga afite ireme yuzuye kudashidikanya. {IY 36.3}

Icyaremwe Gishya Binyuze mu Buntu

Urukundo rutizigama no kwitanga bigaragara mu buzima n'imico ya Yohana bitanga ibyigisho by'agaciro gahebuje ku Itorero rya Kristo. Abantu bamwe babasha kumugaragaza nk'uwari ufite urukundo rutandukanye n'ubuntu bw'Imana; ariko Yohana yari afite muri

kamere ye, imico idatunganye; yariyemeraga kandi ashaka umwanya wo hejuru, kandi yihutiraga kurakazwa n'ibimukomerekeje. {IY 37.1}

Umurava ukomeye no gushyikirana bya Yohana n'Umukiza we ntibyaterwaga n'urukundo Kristo yamukundaga, ahubwo byaterwaga n'uko rwamuhinduye. Yohana yifuzaga kumera nka Yesu, kandi binyuze mu guhindurwa n'urukundo rwa Kristo, yabaye uwicisha bugufi kandi woroheje mu mutima. Inarijye yayihishe muri Yesu. Yari yomatanye n'umuzabibu w'ukuri, maze bimushoboza kugira kamere mvajuru. Ibi ni byo bizahora byerekana ingaruka yo gusabana na Kristo. Uku ni ko kwezwa nyakuri. {IY 37.2}

Habasha kuboneka imico itaboneye mu mibereho y'umuntu, nyamara iyo abaye umwigishwa nyakuri wa Yesu, imbaraga y'ubuntu mvajuru imuhindura icyaremwe gishya. Urukundo rwa Yesu ruramuhindura, rukanamweza. Ariko iyo abantu bavuga ko ari Abakristo, nyamara imyizerere yabo itabasha kubagira abagabo n'abagore beza mu mibanire n'abandi, bigateza abahagarariye Kristo bakemangwa mu mico, abo si abantu be. {IY 37.3}

Inyigisho mu Kubaka Imico

Igihe kimwe Yohana yajyaga impaka na bagenzi be k'ugomba kuba umukuru muri bo. Ntibifuzaga ko amagambo yabo yagera mu gutwi k'Umwami wabo; ariko Yesu aza gusoma imitima yabo, maze aboneraho umwanya wo kwigisha abigishwa be isomo ryo kwicisha bugufi. Ntibyari bigamije gufasha iri tsinda rito ryari rimutegeye amatwi, ahubwo byagombaga kwandikwa kugira ngo bizafashe abazamukurikira bose kugeza ku mperuka y'isi. "Nuko Yesu aricara arembuza ba bandi cumi na babiri, arababwira ati 'Nihagira ushaka kuba uw'imbere muri mwe, abanze yigire uw'inyuma abe umugaragu wa bose" (Mariko 9:35). {IY 37.4}

Abafite umutima nk'uwa Kristo ntibazigera bifuza kugira isumbwe kuri bagenzi babo. Abo bibona ko basuzuguritse mu mitekerereze yabo ni bo bazagaragara ko bakomeye imbere y'Imana. "Ni ko kuzana umwana amushyira hagati yabo, aramuhobera arababwira ati; 'Umuntu wese wakira umwe muri aba bana kubera jye ni jye aba yakiriye, kandi unyakiriye si jye aba yakiriye, ahubwo aba yakiriye Uwantumye.'" (imirongo 36, 37). {IY 37.5}

Mbega icyigisho gitangaje ku bayoboke ba Kristo! Abirengagiza inshingano y'ubuzima iri imbere yabo, abirengagiza impuhwe n'ubugiraneza, gufasha abandi n'urukundo, ndetse no ku bana bato, baba birengagiza Kristo. Yohana yumvise imbaraga iri muri iki cyigisho kandi imugirira akamaro. {IY 37.6}

Ikindi gihe we n'umuvandimwe we Yakobo babonye umuntu wirukana dayimoni mu izina rya Yesu, kubera ko batabonaga ari umwe muri bo, bahita bavuga ko nta bubasha afite bwo kubikora, ndetse bamwihanangiriza kutabyongera. Mu mutima utamucira urubanza, Yohana

yabitekerereje Umwigisha we. Yesu aramusubiza ati "Ntimukamubuze, kuko nta wakora igitangaza mu izina ryanjye kandi ngo ahite amvuga nabi. Burya utaturwanya aba ari uwacu" (imirongo 39, 40). {IY 38.1}

Na none Yakobo na Yohana bongera kugira icyo basaba babinyujije ku mubyeyi wabo ngo bemererwe kuzahabwa imyanya yo hejuru mu bwami bwa Kristo. Yesu arababwira ati,"Ntabwo muzi icyo musaba. (Mariko 10:38). Ni kangahe benshi muri twe tudasobanukirwa n'agaciro k'amasengesho yacu! Yesu yari azi agaciro bisaba ngo uhabwe icyo cyubahiro, ubwo "yihanganiye umusaraba kubw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo" (Abaheburayo 12:2). Ibyo byishimo byari ukubona abantu bakijijwe kubwo kwicisha bugufi kwe, n'umubabaro we, ndetse no kumena amaraso ye. {IY 38.2}

Iki ni cyo cyubahiro Kristo yari ategereje, kandi ni cyo aba bigishwa basabaga guhabwa. Maze Yesu arababaza ati, "Mbese mwashobora kunywera ku gikombe cy'umubabaro ngomba kunywa? Ese mwashobora kubatizwa mu mubabaro kimwe nanjye?" Baramusubiza bati 'Twabishobora" (Mariko 10:38, 39). {IY 38.3}

Mbega uburyo batatekereje ku cyo uwo mubatizo wasobanuraga! Nuko Yesu arababwira ati " Ni koko igikombe cyanjye muzakinyweraho, n'ukuntu nzabatizwa ni ko muzabatizwa, naho gutanga ibyicaro iburyo cyangwa ibumoso bwanjye, si jye ubigaba ahubwo bifite ababigenewe" (imirongo 39, 40). {IY 38.4}

Kwishyira Hejuru n'Umugambi Bicyahwa

Yesu yamenye umugambi wabateye gusaba ibyo, maze acyaha kwishyira hejuru n'umugambi w'abo bigishwa babiri agira ati: "Muzi ko abahawe gutegeka amahanga bayatwaza igitugu, kandi n'abakomeye bo muri yo bakayabuza epfo na ruguru. Ariko muri mwe ntibikagende bityo. Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe agomba kujya abakorera, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe agomba kuba umugaragu wa bose. Umwana w'umuntu na we ntiyazanywe no gukorerwa, ahubwo yazanywe no gukorera abandi no kubapfira kugira ngo abe incungu ya benshi" (imirongo 42-45). {IY 38.5}

Igihe kimwe Kristo yatumye intumwa kumubanziriza mu mudugudu w'Abasamariya, ngo basabe abantu kumutegurira ibyo kunywa we n'abigishwa be. Ariko ubwo Umukiza yari yegereje uwo murwa, bigaragara ko yari ahanyuze agana i Yerusalemu. Ibi byateye urwango Abasamariya, aho kugira ngo bohereze intumwa kurarika abantu no kumusaba ngo atindane na bo, banga kumwakira nk'uko bagombaga kubikorera undi mugenzi usanzwe. Yesu ntiyigeze yifuza kwiyerekana ko yahageze, maze Abasamariya bahomba umugisha wagombaga kubahabwa iyo baza kumwakira nk'umushyitsi wabo. {IY 38.6}

Tubasha gutangazwa no kuba batarakiriye umutware w'ijuru, nyamara se ni kangahe natwe abitwa ko dukurikira Kristo dushinjwa gukora nk'ibyo bakoze? Ese tujya turarika Yesu ngo aze ature mu mitima yacu cyangwa mu ngo zacu? Ahora yuzuye urukundo, ubuntu, imigisha, kandi ahora yiteguye kuduhundaza ho iyi migisha; ariko, kimwe n'Abasamariya, twumva ko twihagije n'ubwo tutabibona. {IY 39.1}

Abigishwa bari bazi umugambi wa Kristo wo guhesha umugisha Abasamariya mu kubana na bo; ariko babonye ubwo bukonje, ishyari, n'uburyo batahaye Umwami wabo icyubahiro, baratangaye cyane barababara. By'umwihariko, ibi byarakaje cyane Yakobo na Yohana. Kubona ukuntu Uwo bahaga icyubahiro gihebuje afatwa ako kageni, kuri bo cyari icyaha gikomeye kitakwihanganirwa hadatanzwe igihano cyihutirwa. Kubw'iryo shyaka, baravuze bati, "Nyagasani urashaka ko dutegeka umuriro ngo uve mu ijuru ubatsembe, nk'uko Eliya yabikoze? (Luka 9:54), bavugaga ku buryo byagendekeye umugaba w'ingabo z'Abasiriya n'ingabo ze bari boherejwe gufata Eliya. {IY 39.2}

Yesu acyaha abigishwa be agira ati, "Ntimuzi umwuka ubarimo uwo ari wo, kuko Umwana w'umuntu ataje kurimbura abantu, ahubwo yaje kubakiza." (umurongo 55). Yohana kimwe na bagenzi be bari mu ishuri aho Kristo ari We wari umwigisha. Abari biteguye kubona ububi bwabo, kandi biteguye guhindura imico yabo, bari bafite amahirwe menshi. Yohana yahaga agaciro buri nyigisho yose, kandi yaharaniraga guhindura imibereho ye ngo ihwane n'iy'ijuru. Inyigisho za Yesu, zigaragaza ubugwaneza, kwicisha bugufi, n'urukundo nk'ishingiro ryo gukurira mu buntu, no guhabwa ubushobozi bwo gukora umurimo We, ari na wo wari ufite agaciro gakomeye kuri Yohana. Izi nyigisho natwe ziratureba buri muntu ku giti cye ndetse nk'abavandimwe mu itorero, nk'uko zarebaga abigishwa ba Kristo ba mbere. {IY 39.3}

Yohana na Yuda

Isomo rikomeye tubasha kuribona binyuze mu kugereranya imibereho ya Yohana n'iya Yuda. Yohana yabagaho imibereho irangwa no kwezwa. Ku rundi ruhande, Yuda yari afite ishusho yo kubaha Imana, nyamara imico ye yo ari iya Satani kurusha uko yaba iyera. Yiyitaga ko ari umwigisha wa Kristo, ariko bikaba ku magambo naho ibikorwa bye bihakana Kristo. {IY 39.4}

Yuda yari afite amahirwe amwe n'ayo Yohana yari afite yo kwiga no gushyira mu bikorwa ibyo yize. Yategeraga amatwi inyigisho za Kristo, kandi imico ye yagombye kuba yarahinduwe n'ubuntu mvajuru. Ariko ubwo Yohana yashengurwaga n'amakosa ye kandi yifuza gusa na Kristo, Yuda we yangizaga imitekerereze ye yemera kuganzwa n'ibishuko, kandi akomeza kwihambiraho imico y'ubuhemu yamuhinduriraga kugira ishusho ya Satani. {IY 39.5}

Aba bigishwa babiri bahagarariye Abakristo bose ku isi. Bose bavuga ko bakurikira Kristo; nyamara mu gihe bamwe bagenda bicisha bugufi, bigira kuri Yesu, abandi bo bagaragaza ko badakora ibijyanye n'ijambo, ahubwo ko ari abumva gusa. Itsinda rimwe ryezwa n'ukuri; naho irindi ntacyo rizi ku mbaraga ihindura y'ubuntu mvajuru. Abagize itsinda rya mbere barangwa no gupfa ku narijye buri munsi, kandi banesha icyaha. Naho abagize itsinda rya kabiri bo bashishikazwa n'irari ryabo, kandi bigatuma baba abagaragu ba Satani. {IY 40.1}

IGICE CYA 8 - UMURIMO WA YOHANA

Intumwa Yohana yamaze igihe cy'ubusore bwe mu bantu b'i Galilaya batize bamenyereye umwuga wo kuroba. Ntiyigeze agira amahirwe yo kujya mu ishuri; ariko kubana na Kristo, Umwigisha Mukuru, byamuhesheje ubumenyi buhanitse umuntu abasha kubona. Yanywereye ku isoko y'ubwenge afite umurava, kandi yifuza no kuyobora abandi ku "isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho" (Yohana 4:14). Kwiyoroshya mu mvugo, imbaraga ihebuje y'ukuri yavugaga, umurava mu by'umwuka warangaga inyigisho ze, byamushoboje kugera ku bantu b'ingeri zose. Ndetse n'abizera ntibababashaga gusobanukirwa byimazeyo ibanga mvajuru nk'uko ryahishurirwaga mu byo yavugaga. Yagaragaraga ko yahoraga yuzuwe na Mwuka Wera. Yahoraga yifuza gukangura ibitekerezo by'abantu ngo basingire ibitagaragara. Ubwenge yavugishaga, bwatumaga amagambo ye agwa nk'ikime, cyoroshya kandi kigakwira mu butaka. {IY 41.1}

Kristo amaze gusubira mu ijuru, Yohana yakomeje gushikama mu kwizerwa, ahinduka umukozi w'ingirakamaro w'Umwami. Yishimiye hamwe n'abandi ugusukwa kw'imbaraga ya Mwuka ku munsi wa Pentekosite, kandi afite umurava n'imbaraga, yakomeje kubwira abantu amagambo y'ubugingo. Yakangishijwe gufungwa ndetse no kwicwa, ariko nta cyabashaga kumutera ubwoba. {IY 41.2}

Imbaga y'abantu b'ingeri zose bazanwaga no kumva ibibwirizwa by'intumwa, maze bagakizwa indwara zabo mu izina rya Yesu, izina ritakundwaga na gato mu Bayuda. Abatambyi n'abategetsi barwanyaga ku mugaragaro ibikorwa byo gukiza abarwayi kuko byatumaga Yesu ashyirwa hejuru nk'igikomangoma cy'ubuzima. Baterwaga ubwoba n'uko vuba bidatinze isi yose yari kumwemera, maze bakabarega ko bishe Umuganga Ukomeye. Ariko uko barushagaho kugira umuhati wo guhagarika abashishikajwe no kumugana, niko barushagaho kumwizera ndetse no kuzinukwa inyigisho z'Abanditsi n'Abafarisayo. Buzuye uburakari, bafata Petero na Yohana, babajugunya muri Gereza. Ariko malayika w'Uwiteka, mu mbaraga nyinshi, akingura inzugi za gereza, abavanamo, arababwira ati, "Nimugende muhagarare mu rusengero, mubwire abantu amagambo yose y'ubu bugingo" (Ibyakozwe n'intumwa 5:20). {IY 41.3}

Adakebakeba kandi ashize amanga, Yohana yahamije Umwami we aho bishoboka hose. Yabonye ko Itorero ryari ryugarijwe n'ibihe by'akaga. Ibinyoma bya Satani byari byarakwiriye ahantu hose. Intekerezo z'abantu zarimo zikozwa hirya no hino n'uruhurirane rwo gushidikanya bari abahakanyi bakwiza inyigisho z'ibinyoma. Bamwe bavugaga ko bemera ukuri kandi bashyigikiye umurimo w'Imana bari ababeshyi. Bahakanaga Kristo n'ubutumwa bwe kandi bagerekaho ibinyoma bitangira ingano, n'imibereho yabo ari iyo kwica amategeko y'Imana. {IY 41.4}

Insanganyamatsiko y'Umwihariko ya Yohana

Insanganyamatsiko y'umwihariko ya Yohana yari urukundo rwa Kristo rutarondoreka. Yizeraga Imana nk'uko umwana yiringira umubyeyi urangwa n'urukundo n'impuhwe. Yari yarasobanukiwe n'imico n'umurimo wa Yesu; maze ubwo yabonaga Abayuda bene wabo barindagira mu nzira zabo nta rumuri rwa Zuba wo Gukiranuka rumurikira inzira zabo, yifuza kubageza kuri Kristo, Umucyo w'isi. {IY 42.1}

Umwigishwa ukiranuka yabonye ko ubuhumyi bwabo, kwishyira hejuru kwabo, kwizera imigenzo byabo, no kutamenya Ibyanditswe Byera ari byo byabatwaye ingamira ku buryo batabashaga kugonda ijosi. Kwishyira hejuru n'urwango bari bafitiye Kristo kandi bahoraga bashyigashyira, byari bibateje akaga nk'ishyanga kandi bibabuza icyizere cy'ubugingo buhoraho. Ariko Yohana akomeza kubereka Kristo We nzira yonyine y'agakiza. Yohana yari asobanukiwe neza n'ibihamya by'uko Yesu w'i Nazareti ari We Mesiya kandi agahamya ko nta muntu ukwiriye kugendera mu mwijima w'ibinyoma kandi uwo Mucyo waratanzwe. {IY 42.2}

Guterwa Agahinda n'Uburozi bw'Ibinyoma

Kurama kwa Yohana kwamuteye kubona ubutumwa bwa Kristo bubwirizwa hirya no hino, kandi ibihumbi by'abantu bakabwakira. Ariko kandi agaterwa agahinda no kubona inyigisho z'ibinyoma zisesera mu itorero. Bamwe mu bemeye Kristo bavugaga ko urukundo rwe rwabakuye ku ngoyi yo kubahiriza amategeko y'Imana. Ku rundi ruhande, benshi bigishaga ko amategeko akwiriye kubahirizwa ijambo ku ijambo, kandi bakagerekaho n'amategeko n'imihango ya Kiyahudi, ngo ibyo bikaba bihagije ngo biheshe agakiza, amaraso ya Kristo agateshwa agaciro. Bafataga Kristo k'umuntu mwiza, kimwe n'intumwa, ariko bagahakana Ubumana Bwe. Yohana yabonye akaga kari kugarije itorero, baramutse bemeye ibitekerezo nk'ibi, maze abasanga atazuyaje kandi afite umugambi. Yandikira inshuti ye magara yamufashaga mu by'ubutumwa, umugore w'ingeso nziza kandi wubahwa: {IY 42.3}

"Kuko abayobya benshi badutse bakaza mu isi, batemera ko Yesu Kristo yaje afite umubiri. Uvuga atyo ni we uyobya kandi ni we Antikristo. Mwirinde mutabura iby'imirimo mwakoze, ahubwo ngo muzahabwe ingororano itagabanije. Umuntu wese urengaho ntagume mu byo Kristo yigishije ntafite Imana, naho uguma mu byo yigishije ni we ufite Data wa twese n'Umwana we. Nihagira uza iwanyu atazanye iyo nyigisho, ntimuzamucumbikire kandi ntimuzamuramutse muti 'Ni amahoro', kuko uzamuramutsa atyo azaba afatanije na we mu mirimo ye mibi." (2 Yohana 7-11). {IY 42.4}

Ntibyari gushobokera Yohana ko akomeza umurimo we adahuye n'inkomyi. Ntabwo Satani yari asinziriye. Yakoresheje abantu babi ngo bacikize ubuzima bw'ingirakamaro bw'uyu

muntu w'Imana, ariko Abamalayika bera bamurinze imigambi yabo mibisha. Yohana yagombaga guhagarara nk'umuhamya w'ukuri wa Kristo. Itorero ryari mu kaga, ryari rikeneye ubuhamya bwe. {IY 43.1}

Binyuze mu buhendanyi n'ibinyoma, intumwa za Satani zagambiriye kurwanya Yohana ndetse n'inyigisho za Kristo. Icyavuyemo ni uko ubuhakanyi n'inyigisho z'ibinyoma byakomeje kugariza itorero. Yohana yahanganye n'ibi binyoma adatezuka. Yazitiye inzira y'abarwanya ukuri. Yaranditse ndetse anihanangiriza ko, abayobozi b'ibi binyoma badakwiye gushyigikirwa na gato. Na n'ubu hari ingorane zisa n'izari zugarije itorero rya mbere, kandi inyigisho z'intumwa kuri iki kibazo zikwiriye kwitabwaho cyane. "Mugomba kugira urukundo," ni ryo jwi rigomba kumvikana hose, cyane cyane muri abo bavuga ko ari abaziranenge. Ariko urukundo nta bubasha rufite bwo gutwikira icyaha kiticujijwe. Inyigisho za Yohana ni ingenzi cyane ku bariho muri iyi minsi y'imperuka. Yasabanye cyane na Kristo, yategeye amatwi inyigisho ze kandi yanabonye ibitangaza bye bikomeye. Yatangaga ubuhamya bufatika, ari na byo byatumaga ibinyoma by'abamurwanyaga bita agaciro. {IY 43.2}

Nta Kwifatanya n'Icyaha

Yohana yanezezwaga n'imigisha yo kwezwa by'ukuri. Ariko umenye yuko iyi ntumwa itigeze yirata ubuziranenge; ashaka ubutungane abuheshejwe no kugendera mu mucyo ukomoka ku Mana. Ahamya ko umuntu uvuga ko azi Imana, nyamara akica amategeko yayo, guhamya kwe kuzuye ibinyoma. "Uvuga ko amuzi ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we." (1 Yohana 2:4). Muri iki gihe aho abantu birata imico myiza, aya magambo abasha kugirwa urwitwazo rw'imyifatire. Ariko intumwa yigisha ko nubwo tugomba kurangwa n'ikinyabupfura cya Gikristo, duhabwa uburenganzira bwo kwita icyaha n'umunyabyaha mu izina tutabiciye iruhande. Ibi ni byo bijyanye n'urukundo nyakuri. Nubwo dukwiriye gukunda abo Kristo yapfiriye, kandi tugaharanira agakiza kabo, ntitugomba kwifatanya n'icyaha. Ntitugomba kwifatanya n'abigomeka, ngo tubyite urukundo. Imana isaba abantu bayo bo muri iki gihe guhagarara, nk'uko Yohana yabigenje mu gihe cye, adaterwa isoni no kwerekana ukuri, mu guhangana n'ibinyoma bigamije kurimbura ubugingo. {IY 43.3}

Nta Kwezwa Kutarimo Kumvira

Nahuye na benshi bavuga ko babaho imibereho idafite icyaha. Ariko igihe bageragereshejwe ijambo ry'Imana, aba bantu basanzwe ari ba ruharwa mu kwica amategeko yera. Ibihamya bigaragaza ko itegeko rya kane ari iry'ibihe byose kandi ko rifite imbaraga byananiwe kwemeza intekerezo zabo. Ntibabasha guhakana ibyo Imana yavuze, ariko bagakomeza gushaka urwitwazo banga kubahiriza Isabato. Bavuga ko ari abera, kandi ko bakorera Imana

iminsi yose y'icyumweru. Bavuga ko abantu benshi beza batigeze bubahiriza Isabato. Niba abantu barejejwe, nta rubanza baba bafite baramutse batayubahirije. Imana yaba ari inyampuhwe bikabije mu kutabahanira kutubahiriza umunsi wa karindwi. Abubahirizaga Isabato bahabwaga akato, ndetse ntibagire ijambo mu bandi. {IY 44.1}

Umugore wo muri New Hampshire [Nyu Hamushayire] yatanze ubuhamya mu iteraniro avuga ko ubuntu bw'Imana bwari muri we kandi ko yihaye Imana byimazeyo. Maze akomeza ahamya ko aba bantu ibyo bakoraga ari byiza kuko byakanguriraga abanyabyaha kubona akaga kabo. Yaravuze ati, "Isabato aba bantu batubwira ni yo Sabato yonyine ivugwa na Bibiliya"; maze akomeza avuga ko amaze igihe abitekerezaho cyane. Yeretswe ibigeragezo bimutegereje, agomba guhura na byo aramutse akomeje umunsi wa karindwi. Umunsi ukurikiyeho yaragarutse yongera gutanga ubuhamya bwe, avuga ko yabajije Uwiteka niba akwiriye gukomeza Isabato, ngo maze Amubwira ko atari ngombwa kuyikomeza. Noneho ngo yumva agize amahoro ku bijyanye n'Isabato. Noneho yongera gushishikariza abantu bose ko bagana urukundo rwa Yesu rwuzuye, aho nta n'umwe ucirwaho iteka. {IY 44.2}

Uyu mugore ntiyari afite kwezwa nyakuri. Ntabwo Imana ari Yo yamubwiye ko agomba kuba uwera nyamara atumvira rimwe mu mategeko ye risobanutse neza. Itegeko ry'Imana ni iryera, nta waryica ngo ye kubiryozwa. Uwamubwiye ko akwiye gukomeza kutubahiriza itegeko ry'Imana kandi akaba umuziranenge ni umwami w'imbaraga z'umwijima — wa wundi wabwiye Eva mu murima wa Edeni, anyuze mu nzoka agira ati, " Gupfa ntimuzapfa" (Itangiriro 3:4). Ndetse yageze n'aho yibeshya ko Imana yari inyampuhwe bikabije ko itabasha kumuhanira kutumvira itegeko ryayo. Uko kwibeshya gufitwe n'ibihumbi by'abantu benshi bibwira ko nta rubanza bafite rwo kutubahiriza itegeko rya kane. Abafite umutima wari muri Kristo bazakomeza amategeko yose, batitaye ku ngaruka zabageraho. Umutware w'ijuru aravuga ati, "Nitondeye amategeko ya Data" (Yohana 15:10). {IY 44.3}

Adamu na Eva bahangaye gutandukira ku mabwiriza y'Uwiteka, kandi ingaruka zishishana z'icyaha cyabo zikwiriye kutubera isomo ryo kudakurikiza urugero rwabo rwo kutumvira. Kristo yasabiye abigishwa muri aya magambo: " Ubereshe ukuri: ijambo ryawe ni ryo kuri." (Yohana 17:17). Nta kwezwa nyakuri keretse binyuze mu kumvira ukuri. Abakunda Imana n'umutima wabo bose bazakunda n'amategeko yayo yose. Umutima wejejwe uhamanya n'ibyanditswe mu mategeko y'Imana; kuko ari ayera, ay'ukuri, kandi ari meza. {IY 44.4}

Imana Ntiyahindutse

Imico y'Imana ntiyahindutse. Ni Imana ifuha n'uyu munsi nk'uko yari imeze igihe yatangaga amategeko yayo ku musozi Sinayi ayo yayandikishije n'urutoki rwayo ku bisate by'amabuye. Abasiribanga amategeko yera y'Imana babasha kuvuga bati, "Ndi uwera";

ariko kuba uwejejwe by'ukuri, no kwirata ko wejejwe, ni ibintu bibiri bitandukanye. {IY 45.1}

Isezerano Rishya ntiryigeze rihindura amategeko y'Imana. Ukwera kw'Isabato yo mu itegeko rya kane ni iby'iteka ryose nk'uko intebe ya Yehova iri. Yohana yaranditse ati: "Umuntu wese ukora icyaha, aba agomye, kandi icyaha ni bwo bugome. Muzi yuko uwo yerekaniwe gukuraho ibyaha kandi nta cyaha kimurimo. Umuntu wese uguma muri we ntakora ibyaha, umuntu wese ukora ibyaha ntiyamubonye kandi ntiyamumenye." (1 Yohana 3:4-6). Abibwira ko bari muri Kristo, kandi bibwira ko bejejwe nyamara bakibereye mu kwica amategeko y'Imana, dusabwa kubafata nk'uko Yohana yabafataga. Yahuye n'itsinda ry'abameze kimwe n'abo duhura na bo. Yaravuze ati, "Bana bato, ntihakagire ubayobya. Ukiranuka ni we mukiranutsi nk'uko Uwo ari umukiranutsi. Ukora ibyaha ni uwa Satani kuko uhereye mbere na mbere Satani akora ibyaha. Ibyo Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi: ni ukugira ngo amareho imirimo ya Satani." (umurongo 7, 8). Aha umwigishwa avuga mu buryo busobanutse, yerekana uko bigomba kugenda. {IY 45.2}

Inzandiko za Yohana zuzuyemo umwuka w'urukundo. Ariko iyo asakiranye n'iryo tsinda ry'abica amategeko y'Imana nyamara bavuga ko bariho batagira icyaha, ntazuyaza kubacyaha abereka ukwishuka kwabo guteye ubwoba. "Nituvuga yuko dufatanije na Yo tukagendera mu mwijima, tuba tubeshye tudakurikiza ukuri, ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk'uko na Yo iri mu mucyo, tuba dufatanyije ubwacu kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose. Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranuka kose. Nituvuga yuko ari nta cyaha twakoze tuba tuyise umunyabinyoma, kandi n'ijambo ryayo ntiriba riri muri twe." (1 Yohana 1:6-10). {IY 45.3}

IGICE CYA 9 - YOHANA MU BUHUNGIRO

Iterambere ritangaje mu kwamamaza Ubutumwa Bwiza kw'intumwa n'abo bari bafatanyije uwo murimo byongereye urwango abanzi ba Kristo bari bamufitiye. Bakoze ibishoboka byose ngo bakome mu nkokora iryo terambere, maze baza kubigeraho biyambaje imbaraga z'umwami w'abami w'Abaroma warwanyaga Abakristo. Habayeho akarengane gakomeye kahitanye abenshi mu bayoboke ba Kristo. Intumwa Yohana yari ageze mu zabukuru, ariko akomeza kwigisha ibya Kristo afite ishyaka n'ubutwari. Yari afite ubuhamya bukomeye, ubwo abanzi be batabashaga kuvuguruza, kandi bwafashije bikomeye bagenzi be. {IY 46.1}

Ubwo kwizera kw'Abakristo kwasaga n'ugucogora kubera gutinya akarengane bagombaga gusakirana na ko, intumwa Yohana, mu gitinyiro cyinshi, n'imbaraga, n'ubushizi bw'amanga, yasubiragamo aya magambo ngo, "Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise,uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje intoki zacu zikamukoraho, ari we Jambo ry'ubugingo;…Ibyo twabonye tukabyumva ni byo tubabwira kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanyije na Data wa twese n'Umana we Yesu Kristo." (1 Yohana 1:1-3). {IY 46.2}

Urwango rukabije rwakongerejwe Yohana kubwo kudatezuka kwe ku nshingano ya Kristo. Ni we mwigisha wenyine wari ukiriho wari inkora mutima ya Yesu, maze abanzi be bagambirira gukoma mu nkokora ubwo buhamya. Bibwiraga ko ibi baramutse babigezeho, inyigisho za Kristo zitari gukomeza kwigishwa, maze bidatinze zikazimangana. Ibi byatumye Yohana ahamagazwa i Roma ngo aburanishwe kubera kwizera kwe. Inyigisho ze bazivuze uko zitari. Abahamya b'ibinyoma bamurega ko agandisha abantu, ngo yigisha ku mugaragaro inyigisho zigamije guhirika ubutegetsi. {IY 46.3}

Intumwa Yohana yagaragaje kwizera kwe mu magambo yumvikana kandi asobanutse, mu kwicisha bugufi no kutishyira hejuru, ku buryo amagambo ye yagize imbaraga. Abari bamutegeye amatwi batangajwe n'ubwenge n'ubushizi bw'amanga bamubonanye. Ariko uko ubuhamya bwe bwarushangaho kubemeza, ni ko abarwanya ukuri barushagaho kongera urwango. Umwami w'abami yuzura uburakari, maze atuka izina ry'Imana n'irya Kristo. Ntiyabashaga kuvuguruza ibyo intumwa Yohana yavugaga cyangwa ngo asobanukirwe n'imbaraga yamushobozaga kuvuga uko kuri, ariko ahitamo gucecekesha uwo muvugizi w'ukuri. {IY 46.4}

Ubuhamya bw'Imana Ntibucecekeshwa

Aha tubona uko umutima ubasha kwinangira iyo ugambiriye kurwanya imigambi y'Imana. Abanzi b'Imana bari bagambiriye gukomeza ubwirasi no kwerekana imbaraga zabo imbere y'abantu. Kw'itegeko ry'umwami w'abami, Yohana yaciriwe ku kirwa cya Patimosi,

ashinjwa nk'uko abivuga ati, "mporwa Ijambo ry'Imana n'iby'ukuri Yesu yahamije" (Ibyahishuwe 1:9). Ariko abanzi ba Kristo batsinzwe bidasubirwaho mu mugambi wabo wo gucecekesha umuhamya we w'indahemuka. Aho yari yaraciriwe ijwi rye ryakomeje kumvikana, ndetse rigera mu bihe biheruka, ritangaza ukuri guhebuje ubwiza kwigeze kubwirwa umuntu ubaho igihe gito. {IY 47.1}

Patimosi, ikirwa cy'urutare kiri mu nyanja ya Aegean [Ayejeyani], nicyo abategetsi b'Abaroma bari barahisemo guciramo abagome. Ariko ku mugaragu w'Imana, aha hantu hataboneye guturwa hamubereye irembo ry'Ijuru. Yatandukanyijwe n'imihati y'iyi si ndetse n'umurimo we w'umuvuga butumwa, ariko ntiyatandukanyijwe no kubana n'Imana. Muri urwo rugo rwe rwa wenyine yabashaga kuvugana n'Umwami w'Abami ndetse akarushaho kwiga byimbitse ukwigaragaza kw'imbaraga y'ubumana abisoma mu gitabo cy'ibyaremwe no ku mpapuro z'ihishurwa. Yanezezwaga no gutekereza ku murimo utangaje w'irema no gushima imbaraga y'Imana yabihanze. Mu myaka yahise amaso ye yari amenyereye imisozi itwikiriwe n'ibiti, ibibaya bitoshye, n'imirima yera imyaka; kandi muri ubwo bwiza bw'ibyaremwe yishimiraga kugenzura ubwenge n'ubuhanga bw'Umuremyi. Ariko noneho yari azengurutswe n'ahantu utabona ubwiza haba n'icyakunezeza. Ariko kuri Yohana byari bitandukanye. Yabashaga gusoma inyigisho zikomeye mur'iki kidaturwa, kigizwe n'ibitare, mu bitangaza bikomeye, ndetse n'icyubahiro cy'ibyo mu kirere. Kuri we byose byahamyaga imbaraga z'Imana ndetse byerekana icyubahiro cyayo. {IY 47.2}

Ijwi ry'Ibyaremwe

Iyi ntumwa yabonye ubuhamya bw'umwuzure wari umuzengurutse, bwugarije isi kubera ko abayituye bari biyemeje kudakurikiza amategeko y'Imana. Ibitare, byajugunywaga hejuru bituruka hasi kure bitewe no kwivumbagatanya kw'amazi, byarushijeho gusobanurira intekerezo ze akaga gakomeye kazabaho ubwo umujinya w'Imana uzasukwa. {IY 47.3}

Ariko n'ubwo ibyo byose byari bimuzengurutse, munsi ye hari ubutaka butabasha kugira icyo bwera, ijuru ry'ubururu ryari hejuru y'iyi ntumwa yari mu bwigunge ku kirwa Patimosi ryasaga n'ikirere yari amenyereye hejuru ya Yerusalemu yakundaga. Umuntu ajye yitegereza ubwiza bw'ijuru mu gihe cya nijoro maze abone umurimo w'imbaraga z'Imana uburyo wigaragaza mu biboneka mu kirere, abashe kwiga isomo ryo gukomera kw'Umuremyi abigereranyije n'uko we ari ubusa mu byaremwe. Niba ashyira imbere ubwibone no kumva ko we ari igitangaza bitewe n'ubutunzi, cyangwa izindi mpano afite, cyangwa se uburanga, reka ajye hanze nijoro maze arebe ibitatse ijuru, maze yige kwicisha bugufi imbere y'Isumbabyose. {IY 47.4}

Mu ijwi ry’amazi menshi asuma umuhanuzi yumvise ijwi ry’Umuremyi. Inyanja, isa n’iyuje uburakari bitewe n’umuyaga utagira impuhwe, byamushushanyirizaga umujinya w’Imana ifite uburakari. Umuvumba ukomeye, ufite imbaraga nyinshi ukumirwa gusa n’imbibi z’ukuboko kutagaragara, byerekaga Yohana imbaraga itagereranywa itegeka ibiri imuhengeri. Maze mu kugereranya abona kandi yiyumvisha ubuswa bw’umuntu uriho none ejo akaba atakiriho,umeze nk’umunyorogoto wo hasi, ariko wishyira hejuru kubw’ubwenge n’imbaraga, maze umutima we ugahagurukira kurwanya Umutware w’ijuru n’Isi, nk’aho Imana ihwanye na we. Mbega ubujiji no kutagira ubwenge bw’abishyira hejuru! Isaha imwe y’imigisha y’Imana itanga binyuze mu mvura n’izuba ku isi bibasha guhindura byinshi ibyo abishyira hejuru batabasha gupfa bagezeho mu mibereho yo kubaho kwabo kose. {IY 48.1}

Mu bizengurutse urwo rugo rwe rwo ku kirwa, uyu muhanuzi wari warahaciriwe yahasomaga ibitangaza by’imbaraga y’Imana, kandi mu mirimo y’ibyaremwe byose yaboneyemo kuvugana no gusabana n’Imana. Umutima we wiyeguriye Imana, n’amasengesho yuzuye ibyiringiro, byazamutse mu ijuru bituruka ku kirwa cy’urutare Patimosi. Uko Yohana yitegerezaga urutare, rwamwibutsaga Kristo, urutare rw’imbaraga ze, urwo yabashaga kuboneramo ubwugamo nta kimutera ubwoba. {IY 48.2}

Uwakomezaga Kweza Isabato

Umunsi w’Umwami uvugwa na Yohana wari Isabato, umunsi Yehova yaruhutseho nyuma y’umurimo ukomeye w’Irema, uwo yejeje akawuha umugisha akawuruhukaho. Yohana ari ku kirwa cya Patimosi yubahirije Isabato nk’uko yayubahirizaga akiri kumwe n’abandi bantu, abwiriza kuri uwo munsi. Kuri ibyo bihanamanga by’urutare bimuzengurutse, Yohana yibukijwe urutare rwa Horebu, n’uburyo Imana yavuganye n’abantu bayo, Ikavuga iti, “Wibuke kweza umunsi w’Isabato.” (Kuva 20:8). {IY 48.3}

Umwana w’Imana yavuganiye na Mose hejuru ku musozi. Imana yagize urutare ubuturo bwayo. Urusengero Rwayo rwari umusozi uhoraho. Uwatanze amategeko mvajuru yamanukiye ku musozi w’urutare ngo atangaze amategeko Ye abantu bose bumva, ngo bababshe kwemezwa n’imbaraga ikomeye n’icyubahiro, ngo bitume batinya gucumura ku mategeko Ye. Imana yatangarije amategeko yayo mu rusaku rw’inkuba n’imirabyo n’igicu kibuditse ku musozi, maze ijwi ryayo ryumvikana nk’ijwi ry’impanda iranguruye cyane. Itegeko rya Yehova ryari itegeko ridahinduka, kandi ibisate yanditseho ayo mategeko byari urutare, bishushanya kudahinduka kw’amategeko Ye. Urutare rwo ku musozi Horebu rwahindutse ahera ku bantu bose bakunda kandi baha icyubahiro amategeko y’Imana. {IY 48.4}

Yari Afungiranywe Ari Kumwe n'Imana

Ubwo Yohana yatekerezaga ku byabereye i Horebu, Mwuka Wera wejeje umunsi wa karindwi yamujeho. Yatekereje ku cyaha cya Adamu cyo kugomera itegeko ry'Uwiteka, n'ingaruka iteye ubwoba yakurikiyeho. Urukundo rw'Imana ruhebuje, mu gutanga umwana wayo ngo acungure inyokomuntu yahabye, yabuze amagambo yarusobanura. Aruvuga mu nyandiko ze ahamagarira itorero n'isi yose kubyitegereza. "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenya, kuko batayimenye." (1 Yohana 3:1). Kuri Yohana, cyari igitangaza ko Imana yabasha gutanga Umwana wayo ngo apfire umuntu wigometse. Maze aheranwa no gutangazwa n'ukuntu inama y'agakiza, yasabye ijuru gutanga ikiguzi kingana gutyo, nyamara abari bagenewe icyo gitambo bakaba ari bo batagiha agaciro, bakanga kucyemera. {IY 49.1}

Aho Yohana yari afungiranywe yari kumwe n'Imana. Uko yarushagaho kwiga umuco w'ijuru binyuze mu murimo w'ibyaremwe, niko yarushagaho kwicisha bugufi imbere y'Imana. Akenshi yaribazaga ati, Kuki abantu babeshwaho n'Imana muri byose, badashaka kubana amahoro no kuyumvira ku bushake? Imana irahebuje mu bwenge, kandi nta kibasha gutangira imbaraga zayo. Ni Yo iyobora ijuru hamwe n'amasi atabarika. Irinda mu buryo buzira amakemwa ubuziranenge n'ubwiza bw'ibyo yaremye. Icyaha ni ukugomera amategeko y'Imana, kandi igihembo cy'icyaha ni urupfu. Ntihari kubaho kutavuga rumwe mu ijuru cyangwa ku isi iyo icyaha kitahinjira. Kutumvira itegeko ry'Imana ni byo byazanye akaga kose ibyaremwe bihura nako. Kuki abantu batagarukira Imana ngo biyunge na Yo? {IY 49.2}

Ntabwo ari ikintu cyoroshye gucumura ku Mana, guhanganisha ubushake bw'umuntu n'ubw'Umuremyi we. Kumvira amategeko y'Imana bizanira abantu inyungu zitagira ingano, ndetse na hano muri iyi si. Kandi kumvira Imana bibazanira inyungu z'iteka ryose, bakibanira na Yo amahoro. Inyamaswa zo mu ishyamba zumvira itegeko ry'Umuremyi wazo mu buryo bwazo karemano. Ategeka inyanja yibona agira ati, "Garukira aha ntukaharenge, aha ni ho imiraba yawe y'ubwibone izagarukira" (Yobu 38:11); n'amazi ategetswe kumvira ijambo Rye. Imibumbe y'isi iyoborwa kuri gahunda, yumvira amategeko Imana yashyizeho. Mu byaremwe byose Imana yaremye ikabishyira ku isi, umuntu wenyine ni we wigometse. Nyamara kandi ni we ufite ubwenge bwo gutekereza no gusobanukirwa ibyo amategeko asaba n'umutimanama umucira urubanza iyo atayakurikije, ndetse n'amahoro n'umunezero agira iyo yayumviye. Imana yamuremanye umudendezo wo kumvira cyangwa kutumvira. Impano y'ubugingo bw'iteka — ubwiza buhoraho butagereranywa — byasezeraniwe abakurikiza ubushake bw'Imana, nyamara ku rundi ruhande umujinya We utegereje abagomera amategeko Ye. {IY 49.3}

Icyubahiro cy'Imana

Ubwo Yohana yatekerezaga ku cyubahiro cy'Imana kigaragarira mu byo yaremye, yatangajwe no gukomera n'icyubahiro by'Umuremyi. Nubwo abatuye uyu mubumbe muto w'isi bakwanga kumvira Imana, ntibyayivanaho icyubahiro cyayo. Yabashaga gutsemba abatuye isi bose mu kanya nk'ako guhumbya, maze ikarema abandi bantu ikabashyira ku isi ngo baheshe izina ryayo icyubahiro. Imana ntabwo ibeshwaho no guhabwa icyubahiro n'abantu. Yabashaga gutegeka ingabo zo mu kirere, miliyoni y'imibumbe y'isi iri hejuru, kurangurura mu ndirimbo yo guhimbaza no kugaragaza icyubahiro cy'Umuremyi wabyo. "Uwiteka, ijuru rizashima ibitangaza byawe, umurava wawe uzashimirwa mu iteraniro ry'abera. Ni nde wo mu ijuru wagereranywa n'Uwiteka? Ni nde wo mu bana b'Imana uhwanye n'Uwiteka? Ni we Mana iteye ubwoba bwinshi mu rukiko rw'abera, Ni iyo gutinywa kurusha abayikikije bose. " (Zaburi 89:5-7). {IY 50.1}

Kwerekwa Kristo

Yohana yibukijwe ibihe byiza yari yarabonye mu mibereho ya Kristo. Mu kubiterezaho na none, yongera kwishimira amahirwe atangaje yigeze kugira, maze bituma ahumurizwa cyane. Mu kanya gato iyerekwa rye risa n'iriciwemo; noneho yumva abwirwa mu ijwi ryumvikana neza. Ahindukirira kureba aho ijwi ruturuka, maze atangazwa no kubona Umwami we, uwo yakundaga, uwo bagendanaga, uwo baganiriga, kandi uwo yabonye ababarizwa ku musaraba. Mbega uko ishusho ye yari yarahindutse! Ntabwo yari akiri "umuntu wuzuye umubabaro n'agahinda" (Yesaya 53:3). Ntabwo yari agifite ibimenyetso byo gusuzugurwa. Amaso ye yari ameze nk'ikirimi cy'umuriro; Ibirenge bye byari bimeze nk'umuringa utunganijwe neza, uko urabagiranira mu muriro w'umucuzi. Ijwi rye ryumvikanaga nk'indirimbo y'amazi menshi. Mu maso he harabagirana nk'izuba ryo ku manywa y'ihangu. Mu biganza bye harimo inyenyeri ndwi, zishushanya abayobozi b'itorero. Mu kanwa ke havagamo inkota ityaye impande zombi, ikimenyetso cy'imbaraga z'ijambo rye. {IY 50.2}

Yohana, wakundaga cyane Umwami we, kandi wakomeje kunamba k'ukuri kugeza ubwo ashyizwe muri gereza, agakubitwa, ndetse yafi yo kwicwa, ntiyabasha kwihanganira ubwiza n'icyubahiro cya Kristo, maze agwa hasi nk'upfuye. Yesu arambika ibiganza ku mugaragu we wari urambaraye hasi, aramubwira ati, "Witinya;… dore ndiho, kandi nari narapfuye; ariko, dore ndiho by'iteka ryose" (Ibyahishuwe 1:17, 18). Yohana asubizwamo imbaraga zo guhagarara imbere y'Umwami we w'icyubahiro, maze noneho, binyuze mu iyerekwa ryera, ahabwa kubona umugambi w'Imana w'igihe kizaza. Ubwiza n'icyubahiro by'urugo rwo mu ijuru biramuhishurirwa. Yemererwa kureba ku ntebe y'Imana, abona iteraniro rinini ry'abacunguwe bambaye imyenda yera. Yumva indirimbo z'abamalayika bo mu ijuru,

n'indirimbo zo kunesha ziririmbwa n'abanesheshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. {IY 50.3}

Kwicisha Bugufi bwa Yohana

Uyu mwigishwa ukundwa yahawe amahirwe atangaje adakunze kuboneka mu bantu. Nyamara kubera ko yari yaramenyereye imico ya Yesu, ntiyigeze agira umutima wo kwishyira hejuru. Kwicisha bugufi kwe ntikwari gushingiye ku nshingano ye; byari ubuntu bw'Imana yambitswe nk'umwambaro. Yashatse guhisha ibikorwa byo gukiranuka kwe n'ikindi icyo ari cyo cyose cyatuma abantu bamurangamira. Mu Butumwa Bwiza yanditse, Yohana avuga iby'umwigishwa Yesu yakundaga, ariko akirinda guhishura ko uwo wahawe icyo cyubahiro ari we ubwe. Imibereho ye yaranzwe no kutihugiraho. Imibereho ye ya buri munsi yigishaga kandi ikagaragaza ubugwaneza ku rugero rushoboka. Yari afite umutima w'urukundo rukwiriye kuranga abavandimwe b'umubiri ndetse n'abavandimwe muri Kristo. Yerekana kandi akagaragaza ko bene urwo rukundo ari umuco w'ingenzi ukwiriye kuranga abakurikira Yesu. Bitabaye ibyo, kwiyita Abakristo byaba ari imfabusa. {IY 51.1}

Yohana yari umwigisha ntangarugero mu gushyira mu bikorwa gukiranuka. Agaragaza gukiranuka gukwiriye kuranga imico y'Abakristo. Bagomba kugira imitima iboneye n'imico itunganye. Uko byamera kose ntibagomba kunyurwa no kubyitwa ku izina gusa. Abivuga mu buryo bweruye ko kuba Umukristo ari ugusa na Kristo. {IY 51.2}

Mu mibereho ye, Yohana yahoraga aharanira gukora ibihuje n'ubushake bw'Imana. Uyu mwigishwa yabanaga cyane n'Umucunguzi we, ari na cyo cyatumaga agira ubushishozi bwo gukiranuka n'icyubahiro bya Kristo, ku buryo yisuzumaga agasanga ko imico ye ikabije kuba mibi. Ariko ubwo Yesu mu cyubahiro cyinshi yabonekeraga Yohana, kumurabukwa rimwe gusa byari bihagije ngo [Yohana] yikubite hasi nk'upfuye. Uko niko bizagendekera abasobanukiwe neza Umwami n'Umukiza wabo. Uko barushaho gutekereza ku buzima n'imico ya Yesu, ni ko bazarushaho kwibona ko ari abanyabyaha, ni nako batazatinyuka kwiyita intungane mu mitima cyangwa kwirata ko ari abera. {IY 51.3}

IGICE CYA 10 - IMICO YA GIKRISTO

Imico y'Umukristo irangwa n'imibereho ye ya buri munsi. Yesu yaravuze ati, "Igiti cyiza cyose cyera imbuto nziza, ariko igiti kibi cyera imbuto mbi." (Matayo 7:17). Umukiza wacu yigereranya n'umuzabibu, maze abamukurikira bakagereranywa n'amashami. Abivuga yeruye ko abagomba kuba abigihwa be bose bagomba kwera imbuto; kandi anerekana uko babasha kuba amashami yera imbuto. "Mugume muri Jye, nanjye ngume muri mwe. Nk'uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha nimutaguma muri Jye." (Yohana 15:4). {IY 52.1}

Intumwa Pawulo yasobanuye imbuto Abakristo bagomba kwera. Avuga ko "ari ingeso nziza zose no gukiranuka n'ukuri." (Abefeso 5:9). Arongera ati, "Imbuto ziva kuri Mwuka ni izi: urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, imico myiza, kudahemuka (gukiranuka), kugwa neza, no kumenya kwifata. (Abanyagalati 5:22, 23). Iyi mico myiza ni yo musingi w'amategeko y'Imana agaragarijwe mu mibereho y'umuntu. {IY 52.2}

Itegeko ry'Imana ni ryo rufatiro rwonyine ruranga imico mbonera. Iryo tegeko ryagaragariye mu mibereho ya Kristo. Yivugaho agira ati, "Nitondeye amategeko ya Data" (Yohana 15:10). Aho gukiranuka nk'uku kubuze ntihabasha kuboneka kubahiriza ibyo Ijambo ry'Imana risaba. "Kuko uvuga ko ahora muri we akwiriye na we kugenda nk'uko yagendaga." (1 Yohana 2:6). Ntitubasha kwiregura ko tutabibasha, kuko dufite isezerano ridukomeza ngo, "Ubuntu bwanjye buraguhagije" (2 Abakorinto 12:9). Iyo twirebera mu ndorerwamo mvajuru, ari yo mategeko y'Imana, tubona ububi bw'icyaha bukabije, no kurimbuka kwacu abagomeye amategeko. Ariko iyo twicujije ibyaha kandi tukayizera, duhindurwa abera imbere y'Imana, maze binyuze mu buntu mvajuru, tukabashishwa kumvira amategeko y'Imana. {IY 52.3}

Gukunda Imana n'Abantu

Abakunda Imana bitarimo uburyarya bazagaragaza ubushake bwo kumenya icyo ishaka kandi banagishyire mu bikorwa. Intumwa Yohana, uwo inyandiko ze zibanze cyane ku rukundo, aragira ati, "Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo" (1Yohana 5:3). Umwana ukunda ababyeyi be azerekana urwo rukundo binyuze mu kumvira; ariko umwana wikunda w'indashima, ashaka gukorera bike ababyeyi be, nyamara akumva yifuza guhabwa amahirwe angana n'ay'uwumvira kandi ukiranuka. Ni nako bimera mu bavuga ko ari abana b'Imana. Benshi mu bazi ko bariho kubw'urukundo n'uburinzi bwayo, kandi bifuza guhabwa imigisha na Yo, ntibishimira gukurikiza ubushake bwayo. Babona ko ibyo Imana ibasaba bibabuza umunezero n'amahoro, amategeko Yayo akababera nk'umutwaro uremereye. Ariko uwifuza kwera by'ukuri mu mutima no mu mibereho ye,

anezezwa no gukurikiza amategeko y'Imana, ahubwo agaterwa agahinda n'uko atayakiranukira ukwo bikwiriye. {IY 52.4}

Dusabwa gukundana nk'uko Kristo yadukunze. Yerekanye urukundo adukunda atanga ubugingo bwe ngo abashe kuducungura. Uyu mwigishwa ukundwa avuga ko dukwiriye gutanga ubugingo bwacu kubwa bagenzi bacu. Kuko, "kandi ukunda wese iyabyaye akunda n'uwabyawe na yo" (1 Yohana 5:1). Niba dukunda Kristo, tuzakunda n'abasa na We mu mico n'imibereho yabo. Kandi s'ibyo gusa, ahubwo tuzakunda n'abadafite "ibyiringiro" kandi badafite Imana Rurema muri iyi si" (Abefeso2:12). Gucungura umuntu nibyo byavanye Kristo mu rugo rwe rwo mu ijuru akaza kuri iyi si akababazwa ndetse akanicwa. Ibi ni byo byatumye akora ibishoboka ndetse akagira agahinda kandi agasenga, kugeza ubwo, ashengurwa umutima no gutereranwa n'abo yaje gucungura, Yatanze ubugingo bwe i Karuvari. {IY 53.1}

Dukurikize Icyitegererezo

Benshi ntibatinyuka kubaho nk'uko Umucunguzi wacu yabayeho. Bumva ko bibasaba ubwitange bukomeye gukurikiza uru rugero, kugaragaza imbuto mu bikorwa, kandi na none bakihanganira ko Imana ibahwanyuraho amashami ngo babashe kwera imbuto nyinshi. Ariko iyo Umukristo yibona nk'igikoresho cyiyoroshya mu biganza bya Kristo, kandi agaharanira gukiranuka mu nshingano zose, yisunga ubufasha Imana yasezeranye, ubwo ni bwo azikorera umusaraba wa Kristo kandi akumva utamuremereye; ubwo ni bwo azikorerera Kristo imitwaro, akavuga ko itaremereye. Abasha kurarama afite ubutwari kandi ashize amanga, maze akavuga ati, "Nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza yuko abasha kurinda ikibitsanyo namubikije" (2 Timoteyo 1:12). {IY 53.2}

Niduhura n'inzitizi mu nzira yacu, ariko mu gukiranuka tukazirenga; niduhura n'abaturwanya n'abaduca intege, ariko mu izina rya Yesu tukanesha; nitwubahiriza inshingano zacu tugakora ibyo dushinzwe mu Mwuka w'Umwami wacu — ubwo nibwo koko tuzahabwa gusobanukirwa tukamenya gukiranuka n'imbaraga Ze. Ntituzaba tucyishingikiriza ku mibereho y'abandi, kuko tuzaba dufite ubuhamya bw'imibereho yacu bwite. Nk'Abasamariya ba kera, tuzaba tubasha kuvuga tuti, "Kuko natwe twiyumviye tukamenya ko uyu ari we Mukiza w'abari mu isi koko." (Yohana 4:42). {IY 53.3}

Uko turushaho gutekereza ku mico ya Kristo, kandi uko turushaho kubona imbaraga Ye ikiza, ni bwo tuzarushaho kwibonaho ko turi abanyabyaha kandi twanduye, maze tukamuhanga amaso nk'imbaraga zacu n'Umucunguzi wacu. Nta mbaraga dufite muri twe yakweza imyanda yuzuye mu nsengero z'imitima yacu; ariko iyo twicujije ibyaha byacu imbere y'Imana, tugashaka gutunganywa binyuze muri Kristo, azaduha uko kwizera gukorera mu rukundo kandi kukaboneza umutima. Mu kwizera Kristo no kumvira

amategeko y'Imana tubasha kwezwa, tukagezwa ku rugero rwo kubana n'Abamalayika batacumuye n'abacunguwe bambaye amakanzu yera bari mu bwami bw'icyubahiro. {IY 53.4}

Kugirana Ubumwe na Kristo ni Amahirwe Yacu

Ntabwo ari amahirwe gusa ahubwo ni n'inshingano ya buri Mukristo gukomeza kugirana ubumwe bwimbitse na Kristo, no kugira ubumenyi bukomeye mu by'Imana. Ubwo nibwo imibereho y'umeze atyo izera imbuto z'imirimo myiza. Kristo yaravuze ati, "Ibyo nibyo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi" (Yohana 15:8). Iyo twitegereje ubuzima bw'abantu batanze urugero rwiza mu gukiranuka kwabo akenshi tubifata nk'aho imibereho yabo n'ibyo bagezeho twebwe biturenze tutabasha kubishyikira. Ariko siko biri. Kristo yapfiriye bose; kandi ijambo Rye ritwiringiza ko yiteguye guha Mwuka we Wera abamusaba bose kurenza uko ababyeyi bo mu isi baha impano nziza abana babo. Abahanuzi ndetse n'intumwa ntabwo bagize imico ya Kristo mu buryo budasanzwe. Bakoresheje uburyo Imana yabahaye; kandi abazagira umuhati nk'uwabo na bo bazahabwa ubwo bushobozi. {IY 54.1}

Pawulo Asabira Itorero

Mu rwandiko rwe yandikiye itorero rya Efeso, Pawulo ashyira imbere yabo "ubwiru bw'ubutumwa bwiza" (Abefeso 6:19), aribwo "butunzi bwa Kristo butarondoreka" (Abefeso 3:8), anabizeza ko ahora abasabira ngo batere imbere mu mibereho yabo mu bya Mwuka: {IY 54.2}

"Ni cyo gituma mpfukamira Data wa twese,…ngo abahe nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu ku bw'Umwuka we; kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugera ku kuzura kw'Imana." (Abefeso 3:14-19). {IY 54.3}

Yandikiye abavandimwe b'i Korinto na bo agira ati, "Mwebwe abo mu itorero ry'Imana… berejwe muri Kristo Yesu…: Ubuntu n'amahoro bibe muri mwe, biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo. Mbashimira Imana yanjye iteka nishimira ubuntu bwayo mwaherewe muri Kristo Yesu; kuko muri byose mwatungiwe muri We, mu byo muvuga byose no mu bwenge bwose; kuko ubuhamya twahamije Kristo bwakomejwe muri mwe, bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k'Umwami wacu Yesu Kristo." (1 Abakorinto 1:2-7). Aya magambo ntabwo yandikiwe itorero ry'i Korinto gusa,

ahubwo yandikiwe n'abantu b'Imana bazababaho kugeza ku iherezo ry'ibihe. Buri Mukristo wese abasha no kwishimira imigisha yo kwezwa. {IY 54.4}

Intumwa Pawulo akomeza muri aya magambo: "Ariko bene Data ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama" (umurongo wa 10). Pawulo ntiyabashaga kubingingira gukora ibidashoboka. Ubumwe ni igihamya gikomeye cy'ubutungane bw'Umukristo. {IY 55.1}

Mu rwandiko yandikiye Abakolosayi na none abereka amahirwe atangaje yashyizwe imbere y'abana b'Imana. "Kuko twumvise ibyo kwizera kwanyu mwizeye Kristo Yesu, n'urukundo mukunda abera bose,… Nicyo gituma tudasiba kubasabira uhereye igihe twabyumviye, twifuza ko mwuzuzwa ubwenge bwose bw'Umwuka no kumenya kose ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, mugenda nk'uko bikwiriye ab'Umwami wacu, mumunezeze muri byose, mwere imbuto z'imirimo myiza yose kandi mwunguke kumenya Imana, mukomereshejwe imbaraga zose nk'uko ubushobozi bwayo bw'icyubahiro bungana, ngo mubone uko mwiyumanganya muri byose mukihanganana ibyishimo." (Abakolosayi 1:4-11). {IY 55.2}

Urugero rw'Ubutungane

Intumwa Pawulo yahoraga iharanira kugera ku rugero rw'ubutungane nk'urwo yifurizaga abavandimwe be. Dore uko yandikiye Abafilipi: "Nyamara ibyari indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo, ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu:…kugira ngo mumenye, menye n'imbaraga zo kuzuka kwe no gufatanya imibabaro ye, no kujya nshushanywa no gupfa kwe ngo ahari ngere ku muzuko w'abapfuye. Si uko maze guhabwa cyangwa ngo mbe maze gutunganywa rwose, ahubwo ndakurikira kugira ngo ahari mfate icyo Kristo yamfatiye. Bene Data, sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimwe cyo nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu" (Abafilipi 3:7-14). Hari itandukaniro rikomeye hagati yo kwirata, kw'abavuga ko ari abera n'abaziranenge, ugereranyije n'imvugo y'intumwa Pawulo. Nyamara kandi ubutungane bwo gukiranuka kw'imibereho ye nibyo byamuhaye imbaraga yo kuvuga ibyo. {IY 55.3}

Ubushake bw'Imana

Pawulo ntiyigeze atezuka gushimangira, aho yabaga ari hose, akamaro ko kwezwa kuvugwa muri Bibiliya. Aravuga ati: "Muzi amategeko twahawe n'Umwami Yesu kubategeka ayo ari yo. Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwa kwanyu." (1 Abatesalonike 4:2,3). "Nuko abo nkunda, nk'uko iteka ryose mwajyaga mwumvira uretse igihe mpari gusa, ahubwo cyane

cyane ntahari, mube ariko musohoza agakiza kanyu mutinya, muhinda imishyitsi, kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira. Mukore byose mutitotombana, mutagishanya impaka kugira ngo mutabaho umugayo cyangwa uburyarya, mube abana b'Imana batagira inenge hagati y'ab'igihe kigoramye cy'ubugoryi, abo mubonekeramo nk'amatabaza mu isi. (Abafilipi 2:12-15). {IY 56.1}

Asaba Tito kwibutsa itorero ko uko bakomeza kwizera ko kunesha kwa Kristo ariko kubahesha agakiza, ubuntu bw'Imana bukaba mu mitima yabo, bizabatera gukora ibitunganye mu byo bakora byose. "Ubibutse kugandukira abatware n'abafite ubushobozi, no kumvira, babe biteguye gukora imirimo myiza yose batagira uwo basebya, batarwana, ahubwo bagira ineza, berekana ubugwaneza bwose ku bantu bose….Iryo jambo ni iryo kwizerwa kandi ndashaka ko uhamya ibyo ubikomeyeho cyane, kugira ngo abizeye Imana bagire umwete wo kumaramaza gukora imirimo myiza. Ibyo ni byiza kuko bigira icyo bimarira abantu." (Tito 3:1-8). {IY 56.2}

Pawulo ashaka kwemeza intekerezo zacu yuko umusingi w'imirimo myiza dukorera Imana, ndetse n'urugero ruhanitse rw'imico y'Abakristo, ari urukundo; kandi ko umuntu wuzuwe n'urukundo muri we hazatura amahoro y'Imana. "Nuko nk'uko bikwiriye intore z'Imana zera kandi zikundwa, mwambare umutima w'imbabazi n'ineza, no kwicisha bugufi n'ubugwa neza no kwihangana, mwihanganirana kandi mubabarirana ibyaha, uko umuntu agize icyo apfa n'undi. Nk'uko Umwami wacu yababariye, abe ari ko namwe mubabarirana. Ariko ibigeretse kuri ibyo byose mwambare urukundo, kuko ari rwo murunga wo gutungana rwose. Mureke amahoro ya Kristo atwarire mu mitima yanyu, ayo mwahamagariwe kuba umubiri umwe, kandi mugire imitima ishima. Ijambo rya Kristo ribe muri mwe rigwiriye rifite ubwenge bwose, mwigishanye, muhugurane muri zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'umwuka muririmbirana Imana ishimwe mu mitima yanyu. Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Data wa twese ku bw'uwo." (Abakolosayi 3:12-17). {IY 56.3}

IGICE CYA 11 - AMAHIRWE Y'ABAKRISTO

Benshi bifuza gutungana ko mu mutima n'imibereho yejejwe nta buryarya basa n'abari mu rujijo no gucika intege. Bahora birebaho, bagaterwa agahinda no kubura kwizera; maze kubera ko badafite kwizera, bakiyumvisha ko batabasha kwishyuza imigisha y'Imana. Aba bantu bitiranya amarangamutima no kwizera. Bareba ibirenze ko kwizera nyakuri kutaruhije, maze ahubwo bakikururira umwijima mu bugingo bwabo. Bakwiriye kwivanamo inarijye, bakabeshwaho n'ubuntu n'ubwiza bw'Imana bakaniringira amasezerano Yayo, maze bakizera gusa ko Imana yasezeranye Izabisohoza. Ntitugomba kwiringira kwizera kwacu, ahubwo tugomba kwiringira amasezerano y'Imana. Iyo twihannye ibicumuro byacu twakoze tugomera amategeko yayo, maze tukiyemeza kumvira uhereye ubwo, tuba tugomba kwizera ko Imana itwemera kubwa Kristo, kandi ikatubabarira ibyaha byacu. {IY 57.1}

Umwijima no gucika intege rimwe na rimwe bizugariza imibereho yacu bidutere ubwoba ndetse bidushengure umutima, ariko ntidukwiriye gutandukana no kwizera kwacu. Tugomba gukomeza guhanga amaso kuri Yesu, uko byamera kose. Tugomba guhora dukora inshingano zacu dukiranuka, maze noneho mu mutuzo tugaturiza mu masezerano y'Imana. {IY 57.2}

Imibereho yo Kwizera

Rimwe na rimwe kwiyumva ko tudatunganye bizadutera ubwoba mu mibereho yacu, ariko ibi si igihamya yuko Imana yaduteye umugongo, cyangwa ko twe twateye Imana umugongo. Ibi ntidukwiriye kubitindaho cyane ngo bidutware igihe. Tubasha kutumva amahoro n'umunezero twari dufite ejo hashize; ariko dukwiriye gukomeza kwizera no gusingira ukuboko kwa Kristo, no kumwiringira tudashidikanya haba mu bihe by'umwijima no mu bihe by'umunezero. {IY 57.3}

Satani abasha kutwongorera ati, "Uri umunyabyaha bikabije Kristo ntabasha kugukiza." Ubwo umenya ko koko uri umunyabyaha kandi ko udakwiriye, ubasha gusubiza uwo mushukanyi uti, "Kubwo igitambo cy'impongano, nemera Kristo nk'Umukiza wanjye. Ntabwo niringira imbaraga zanjye, ahubwo niringira amaraso ya Yesu, anyezaho ibyaha. Aka kanya nishingikirije ubugingo bwanjye kuri Kristo." Imibereho y'Umukristo ikwiriye kuba imibereho ihora ifite kwizera kuzima. Kwizera gushikamye, kwishingikiriza kuri Kristo, bizana amahoro n'ibyiringiro mu mutima. {IY 57.4}

Gutsinda Ibigeragezo

Ntucibwe intege n'uko umutima wawe uremerewe. Ibigeragezo byose, kuremererwa mu mutima, ahubwo bikongerera kwifuza Kristo. Yazanywe no kugukuramo umutima w'ibuye

akagushyiramo umutima w'inyama. Mushake ho ubuntu budasanzwe bwo kukubashisha kunesha ibigeragezo bidasanzwe. Igihe wugarijwe n'ibigeragezo, ushikamye tsinda ibyo umwanzi agushukisha ubwira umutima wawe uti, "Nabasha nte gusuzugura Umucunguzi wanjye? Nihaye Kristo; Simbasha gukora ibya Satani." Takambira Umukiza mwiza agutabare ngo ubashe kureka ibyakubera ibigirwamana byose no kwitandukanya n'ibyaha yakundaga cyane. Reka amaso yo kwizera arabukwe Yesu ahagaze imbere y'intebe y'Ubwami ya Se, yerekana inkovu ze akuburanira. Wizere ko uhabwa imbaraga binyuze mu Mucunguzi mwiza. {IY 58.1}

Kurebesha Amaso yo Kwizera

Mu kwizera itegereze amakamba azambikwa abanesheje; wumve indirimbo y'agahozo y'abacunguwe bavuga bati, Umwana w'Intama watambwe ni We ukwiriye, ni We ukwiriye, kuko yaducunguriye kuba abana b'Imana! Gerageza kubitekereza nk'aho ubibona biba. Sitefano, Umukristo wa mbere wahowe Kristo, ubwo yari ku rugamba ahanganye n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru, yaravuze ati, "Dore mbonye ijuru rikingutse, n'Umwana w'umuntu ahagaze iburyo bw'Imana" (Ibyakozwe n'Intumwa 7:56). Umucunguzi w'isi yamubonekeye asa nk'ureba hasi ari mu ijuru amurebana ubushake bukomeye, maze umucyo w'icyubahiro cya Kristo ugaragara kuri Sitefano urabagirana cyane ku buryo n'abanzi be babonye mu maso he harabagirana nk'aha malayika. {IY 58.2}

Iyaba twemereraga ibitekerezo byacu kwibanda cyane kuri Kristo n'ibyo mu ijuru, twabasha guhabwa imbaraga yadufasha kurwana intambara y'Umwami wacu. Ubwibone no gukunda iby'isi bizagenda bigabanuka ubwo tuzagenda turushaho gutekereza k'ubwiza bw'iyo si twitegura kuzaturamo ari ho iwacu. Nitureba urukundo rwa Kristo, ibinezeza by'isi bizaba bitagifite agaciro. {IY 58.3}

Ntihakagire uwibwira ko adashyizeho umwete ku ruhande rwe ashobora guhabwa ibyasezeranywe n'urukundo rw'Imana. Iyo ibitekerezo bikomeje kwibanda ku by'isi cyane, biragoye guhindura imico y'imitekerereze. Ibyo amaso areba n'ibyo amatwi yumva, akenshi ni byo bitwara umwanya w'umuntu bigaherana n'ubushake. Ariko iyaba twabashaga kwinjira mu murwa w'Imana, tukareba Yesu n'icyubahiro Cye, twagombye kwimenyereza kumubonesha amaso yacu yo kwizera tukiri hano. Amagambo n'imico bya Kristo ni byo bikwiriye guhora muri gahunda z'ibitekerezo byacu n'ibiganiro byacu, kandi buri munsi dukwiriye kugira igihe cyo gusenga no gutekereza ku by'Imana. {IY 58.4}

Gucecekesha Umwuka

Kwezwa ni umurimo wa buri munsi. Ntihakagire abibeshya yuko Imana izababababarira ikanabahesha umugisha nyamara baribata bimwe mu byo Isaba. Ubushake bwo gukora icyaha kizwi bicecekesha kumvikana kw'ijwi rya Mwuka maze bigatandukanya umuntu n'Imana. Umunezero uzanwa n'amarangamutima y'imyemerere yawe uko waba ungana kose, menya ko Yesu atabasha gutura mu mutima wirengagiza amategeko y'Imana. Imana izaha icyubahiro abayubaha gusa. {IY 59.1}

"Muri imbata z'uwo mwumvira uwo" (Abaroma 6:16). Nitwimenyereza uburakari, kwifuza, igomwa, kwangana,kwikunda, cyangwa icyaha icyo ari cyo cyose, duhinduka imbata z'icyo cyaha. "Nta wucyeza abami babiri" (Matayo 6:24). Niba turi imbata z'icyaha, ntidushobora gukorera Kristo. Umukristo azumva ijwi rimuhamagarira gukora icyaha, kuko umubiri urarikira ibyo Mwuka yanga; ariko Mwuka akarwanya ibyo umubiri ukunda, bigahora ari intambara. Aha ni ho imbaraga ya Kristo ikenewe. Intege nke z'umuntu zihura n'imbaraga y'Imana, maze kwizera kukavuga kuti, "Ariko Imana ishimwe iduha kunesha kubw'Umwami wacu Yesu Kristo" (1 Abakorinto 15:57)! {IY 59.2}

Gukosora Imico yo Kwizera

Iyaba twemereraga imico Imana ishaka igakurira muri twe, twabasha kubaka ingeso nziza mu mibereho yacu y'iby'iyobokamana. Nk'uko ibyokurya by'umubiri ari ngombwa kubwo gukura kwawo, ni ko isengesho rya buri munsi ari ngombwa kugira ngo dukurire mu buntu, ndetse no mu mibereho y'ibya Mwuka ubwayo. Tugomba guhora twimenyereza kuzamura intekerezo zacu ku Mana mu masengesho. Ibitekerezo byacu ni birorongotana, tugomba kubigarura; nidukomeza uwo muhati, bizagera aho bitubera umuco utaturemereye. Ntitubasha kwitandukanya na Kristo n'akanya na gato ngo tugire amahoro. Abasha kutuba hafi yita kuri buri ntambwe yacu, iyo twitaye ku mabwiriza we ubwe yadushyiriyeho. {IY 59.3}

Imyizerere igomba kwitabwaho cyane mu mibereho yacu yose. Ibindi byose bigomba kuza hanyuma y'ibingibi. Imbaraga zacu zose, z'ubugingo, umubiri, n'umwuka, zigomba guhora ku rugamba rwa Gikristo. Tugomba guhanga amaso Kristo ngo aduhe imbaraga n'ubuntu, kandi nta kabuza tuzanesha nk'uko Kristo yapfuye ku bwacu. {IY 59.4}

Agaciro k'Ubugingo

Tugomba kwegera cyane umusaraba wa Kristo. Kuba munsi y'umusaraba twicuza ni cyo cyigisho cya mbere cy'amahoro tugomba kwiga. Urukundo rwa Kristo — ni nde ubasha kurusobanukirwa? Rurenze cyane ubwitange n'urukundo umubyeyi agirira umwana we! Turamutse dusobanukiwe n'agaciro k'ubugingo bw'umuntu, nibwo twareba ku musaraba

dufite kwizera kuzima, maze tugatangira isomo rizakomeza kuba inyigisho n'indirimbo y'abacunguwe by'iteka ryose. Agaciro k'igihe cyacu n'impano zacu bibasha kugereranywa gusa n'uburemere bw'ikiguzi cyatanzwe ngo ducungurwe. Mbega umutima wo kudashima tugaragariza Imana igihe tuyiba tugundira ibyagombye kuba ibyayo tutagaragaza kunyurwa no kuyikorera! Ese biradukomereye kwiyegurira Uwatanze byose ku bwacu? Ese twahitamo ubucuti bw'isi tukaburutisha icyubahiro cy'iteka Kristo atanga — "kwicarana nanjye ku ntebe y'ubwami, nk'uko najye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye" (Ibyahishuwe 3:21)? {IY 60.1}

Umurimo Ukomeza

Kwezwa ni umurimo ukomeza. Intambwe dukwiriye gutera tuzibwirwa mu magambo ya Petero: "Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose, kwizera mukongereho ingeso nziza, ingeso nziza muzongereho kumenya, kumenya mukongereho kwirinda, kwirinda mukongereho kwihangana, kwihangana mukongereho kubaha Imana, kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data, gukunda bene Data mukongereho urukundo. Kuko ibyo nibiba muri mwe bikabagwiriramo, bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba ku byo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo." (2 Petero 1:5-8). "Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu, kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato, ahubwo bizabaha rwose kwinjira mu bwami butazahanguka bwa Yesu Kristo, ari we Mwami n'Umukiza wacu" (imirongo 10, 11). {IY 60.2}

Iyi ni yo nzira tubasha kwizezwa ko tutazatsindwa. Abakomeza iyo nzira ngo bagere ku rugero rukwiriye Umukristo bafite isezerano yuko Imana izahira imigambi yabo ikanabagwiriza impano z'Umwuka wayo. Petero abwira ababonye uko kwizera guhebuje agira ati: "Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe, mubiheshwa no kumenya Imana na Yesu Umwami wacu (umurongo wa 2). Kubw'ubuntu bw'Imana, abashaka bose babasha kuzamuka urwego rurabagirana bava ku isi bagana mu ijuru, maze noneho, "baririmba, ibyishimo bihoraho bizaba kuri bo" (Yesaya 35:10), binjire mu marembo y'umurwa w'Imana. {IY 60.3}

Umukiza wacu atubwira ko ibyo dukeneye byose bihari; icyo adusaba mbere na mbere ni ukugira ibitekerezo bitunganye, n'urukundo dukunda ruzira uburyarya. Niba koko dusangiye n'Imana imico yayo, ishimwe ryayo rizahora mu mitima yacu no ku minwa yacu. Ubuhungiro bwacu gusa ni ukumwiyegurira burundu kandi tugahora dukurira mu buntu no kumenya ukuri. {IY 60.4}

Indirimbo yo Kunesha ya Pawulo

Intumwa Pawulo yahiriwe n'Imana, ajyanwa mu iyerekwa agezwa mu ijuru rya gatatu, aho yeretswe ibyo atemerewe guhishura. Nyamara ibi ntibyamuteye kwishyira hejuru cyangwa ngo yiyemere. Yabonye akamaro ko guhora uri maso no kwizinukwa, maze ukavuga weruye uti, "Ahubwo mbabaza umubiri wanjye nywukoza uburetwa, ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe" (1 Abakorinto 9:27). {IY 61.1}

Pawulo yararenganijwe kubera ukuri, nyamara ntitumwumva yivovota. Ubwo yasuzumaga ubuzima bwe bwuzuye imiruho, gukorera abandi, no kwitanga, yaravuze ati, "Mbonye yuko imibabaro y'iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa" (Abaroma 8:18). Ijwi ryo kunesha ry'umugaragu w'Imana ukiranuka rigera no mu gihe cyacu rigira riti: "Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago, cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota?... Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze. Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu, cyangwa ubugingo, cyangwa abamalayika, cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu." (Abaroma 8:35-39). {IY 61.2}

Nubwo Pawulo yageze ubwo afungirwa muri gereza i Roma —atandukanijwe n'umucyo n'umwuka wo mu kirere, ahagaritswe ku nshingano ye yo kwamamaza inkuru nziza, kandi ategereje gucirwa urwo gupfa —nyamara ntiyigeze agira gushidikanya cyangwa ngo yumve yihebye. Muri uwo mwijima wo mu buroko ni ho havuye ubuhamya bwe ajya gupfa, bwuzuye kwizera gutangaje, n'ubutwari bwakomeje gufasha imitima y'abera ndetse n'abahowe Imana mu bihe byakurikiyeho. Amagambo ye agaragaza neza ingaruka y'uko kwezwa twagiye tubona muri iki gitabo yayanditse muri aya magambo agira ati: "Kuko jyeweho maze kumera nk'ibisukwa ku gicaniro, igihe cyo kugenda kwanjye gisohoye. Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera. Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu, Umucamanza utabera azampa kuri urya munsi, nyamara si jye jyenyine, ahubwo ni abakunze kuzaboneka kwe bose" (2 Timoteyo 4:6-8). {IY 61.3}

****